Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu

Unity Club
"Towards a common goal"

# RAPORO Y'IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

Insanganyamatsiko:
*"Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo Ngenga cy'ukubaho kwacu"*

INTARE CONFERENCE ARENA | Kuwa 29 Ukwakira 2023

# I. ISHAKIRO

I. ISHAKIRO....................................................................................3
II. IRIBURIRO..................................................................................4
III. IMPAMVU Y'INSANGANYAMATSIKO Y'IHURIRO RYA 16........................4
IV. INTEGO Z'IHURIRO RYA 16...............................................................5
V. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO..................................................................5
5.1. IKICIRO CYA MBERE..........................................................................6
5.1.1. GUTANGIZA IHURIRO......................................................................6
5.1.2. IKIGANIRO MBWIRWARUHAME KU ISHUSHO Y'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA MU GIHE TUGEZEMO.8
5.1.3. UMUVUGO: ISANO MUZI IDUHUZA.......................................11
5.1.4. IKIGANIRO NYUNGURANABITEKEREZO:...............................12
A. Ikiganiro Nyunguranabitekerezo cyatanzwe n'Urubyiruko.........12
B. Ikiganiro Nyunguranabitekerezo cyatanzwe n'Abakuru.............17
C. Umwanya wo kungurana ibitekerezo....................................20
5.2. IKICIRO CYA KABIRI..........................................................................21
5.2.1. GUTANGA ISHIMWE RY'UBUMWE 2023 KU BARINZI B'IGIHANGO............................................................................22
5.2.2. UMUGOROBA W'IGITARAMO N'UBUSABANE.........................24
5.2.3. GUSOZA IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB.........................25
5.2.4. IBYEMEZO NGIRO BY'IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB........27
VI. UMUGEREKA.....................................................................................28
6.1. Umugereka 1: Ijambo ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club HE Jeannette KAGAME.......................................................28
6.2.Umugereka 2: Ikiganiro mbwirwaruhame ku Ishusho y'ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda mu gihe tugezemo...............28
6.3. Umugereka 3: Umuvugo: Isano muzi iduhuza.............................28
6.4. Umugereka 4: Ibigwi by'Abarinzi b'Igihango...............................28
6.5. Umugereka 5: Isobanurampamvu na gahunda............................28
6.6. Umugereka 6: Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo ngiro.......................................................................................28

## II. IRIBURIRO

Kuva muri Gashyantare 1996, Umuryango Unity Club wiyemeje gukomeza gutanga umusanzu wawo mu bikorwa bigamije kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda.

Mu buryo bw'umwihariko, amahuriro ngarukamwaka ategurwa n'Umuryango Unity Club mu bufatanye na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), atanga urubuga rw'ibiganiro bigamije gusigasira ubumwe, kurinda Igihango cy'Ubunyarwanda no guteza imbere ubudaheranwa.

Ni muri urwo rwego kuwa 29 Ukwakira 2023, mu Intare Conference Arena i Rusororo, hateguwe kandi habera Ihuriro rya 16 rya Unity Club.

Ihuriro rya 16 ryitabiriwe n'abanyamuryango ba Unity Club, Abayobozi mu nzego zinyuranye z'Igihugu, abahagarariye urubyiruko, abahagarariye amadini, amatorero n'imiryango itari iya Leta *(civil society).*

## III. IMPAMVU Y'INSANGANYAMATSIKO Y'IHURIRO RYA 16

Ihuriro rya 16 ryagarutse ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo ngenga cy'Ukubaho Kwacu".

Ni insanganyamatsiko igarutse ku nshuro ya gatanu mu mahuriro ngarukamwaka ya Unity Club (12, 13, 14, 15 & 16); ikaba ikomeza gushimangira ko **"Twahisemo kuba Umwe"**: Ayo mahitamo niyo yatumye u Rwanda rugera aho rugeze uyu munsi.

N'ubwo hakozwe byinshi, haracyagaragara ibikibangamiye ubumwe bw'Abanyarwanda birimo kwironda, kurema udutsiko bishobora kongera kutugarura ku macakubiri ashingiye ku moko n'uturere kandi tuzi neza aho byatugejeje n'ikiguzi byasabye kugirango tubisohokemo, twongere kwiyubaka nk'Abanyarwanda, nk'Igihugu. Niyo mpamvu ari ngombwa

gukomeza gushimangira Ndi Umunyarwanda nk'isano muzi isobetse ubumwe bw'Abanyarwanda, ikatubera ingabo idukingira ibishaka kudutanya.

## IV. INTEGO Z'IHURIRO RYA 16

- Gukomeza kubaka Ndi Umunyarwanda, ikaba ubuzima bwa buri munsi bw'Umunyarwanda aho ari hose, ikaba umurage ku babyiruka
- Kumenya no gusuzuma ibikibangamiye ubumwe bw'Abanyarwanda muri iki gihe no gufata ingamba zo kubikemura.
- Kugena uburyo bunoze bwo kumvikanisha Ndi Umunyarwanda mu nzego zose no mu byiciro byose by'Abanyarwanda mu Rwanda no mu mahanga *(Diaspora)* no gufata ingamba ziboneye mu guhererekanya umurage w'Ubumwe n'Ubudaheranwa hagati y'abakuru n'abato.

## V. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO

Imirimo y'Ihuriro yabaye umunsi umwe, mu byiciro bibiri:

➲ **Ikiciro cya mbere:** Iki kiciro cyaranzwe n'ibikorwa bikurikira:

- Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME ritangiza Ihuriro;
- Ikiganiro mbwirwaruhame ku Ishusho y'Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda mu gihe tugezemo;
- Umuvugo w'umunyeshuri wahize abandi mu marushanwa kuri Ndi Umunyarwanda ku rwego rw'Igihugu 2023;
- Ikiganiro nyunguranabitekerezo cy'urubyiruko;
- Ikiganiro nyunguranabitekerezo cy'abakuru no kungurana ibitekerezo.

➲ **Ikiciro cya kabiri:** Iki kiciro cyaranzwe n'umugoroba w'ubusabane, gusangira ubuhamya bw'Abarinzi b'Igihango, kubashyikiriza Ishimwe ry'Ubumwe *(Unity Award)* n'ijambo risoza ry'Umushyitsi Mukuru.

## 5.1. IKICIRO CYA MBERE

### 5.1.1. GUTANGIZA IHURIRO




*Nyakubahwa, Madame Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri atangiza Ihuriro*

Imirimo y'Ihuriro rya 16 rya Unity Club Intwararumuri yatangijwe kandi iyoborwa n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME. Mu ijambo rye, yahaye ikaze Abanyamuryango bashya umuryango wungutse mu bihe bishize bakurikira:

1. Madame Elytha MUNGANYIMANA na Hon. Jean Claude MUSABYIMANA
2. Madame Peace UWIMBABAZI na Dr. Sabin NSANZIMANA
3. Madame Diana KAMILI na Dr. Yvan BUTERA
4. Madame Nassin UWIMANA na Hon. Jean Népo Abdallah UTUMATWISHIMA
5. Col. Séraphine NYIRASAFARI na Hon. Juvénal MALIZAMUNDA
6. Hon. Jeanine MUNYESHULI
7. Hon. Sandrine UMUTONI na Mr Robert KAINAMURA
8. Madame Alice UMUGWANEZA na Hon. Dr. Jimmy GASORE.

Mu mpanuro yatanze, Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, yagarutse kuri byinshi Abanyarwanda biyemeje n'amahitamo y'Igihugu cyacu, yagize ati:

> *"Twahisemo kuba umwe. Icyo twiyemeje ni u Rwanda rudaheza, u Rwanda rw'abunze ubumwe, barukunda, barukorera, kandi bakarurinda". Akomeza agira ati: "Mu mwiherero wabanje ku munsi w'ejo, twaganiriye birambuye ku ndangagaciro ndetse n'imyitwarire ikwiye kuturanga nk'Intwararumuri. N'ubwo kuba Intwararumuri ari umuhamagaro twihitiyemo nk'abanyamuryango, turifuza ko namwe mwese mwadushyigikira muri uwo muhamagaro, uru rumuri tugakomeza kurugeza kuri bose".*

Yashimiye kandi Abarinzi b'Igihango, abariho n'abatakiriho. Yasabye abitabiriye Ihuriro n'Abanyarwanda muri rusange ko badakwiye gutsindwa n'ingeso mbi zirimo ikimenyane, gushaka indonke, munyangire, gutonesha n'ibindi byose byatuma duteshuka ku gitekerezo ngenga cy'ukubaho kwacu, **Ndi Umunyarwanda.**

Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME yasabye kandi urubyiruko gukomeza kuba ku isonga mu kubaka Igihugu twifuza, yagize ati: *"Bana bacu, ni mwe Igihugu gitezeho imbaraga n'ubushobozi buzasigasira uwo musingi twubatse. Mwiteguye mute kwakira iyo nkoni y'abarinzi ba Ndi Umunyarwanda? ...Tubivuga kenshi ariko ntacyo bitwaye kubisubiramo, nti muri bato bo kutumva umurongo Igihugu cyihaye".*

Yasoje yibutsa ko ibanga rya Ndi Umunyarwanda ari kureba kure, gukomeza kwiyubakira ubumwe bwacu no kwirinda icyabusenya. *"Ntidukwiye gutsindwa n'ingeso mbi nk'ikimenyane, gushaka indonke, munyangire, gutonesha n'ibindi; byatuma duteshuka ku gitekerezo-ngenga cyacu - Ndi Umunyarwanda. Tutabaye maso bishobora kudusubiza mu icuraburindi u Rwanda rwigeze kubamo".*

## 5.1.2. IKIGANIRO MBWIRWARUHAME KU ISHUSHO Y'UBUMWE N'UBUDAHERANWA Y'ABANYARWANDA MU GIHE TUGEZEMO.




*Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Jean Damascène BIZIMANA*

Nyakubahwa Minisitiri yagaragaje uko Ubumwe bw'Abanyarwanda buhagaze, ibibikibangamiye ubumwe bw'Abanyarwanda n'ingamba zo kubikemura hagamijwe gushimangira Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda.

Minisitiri yagaragaje ko ubushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2020 bwerekanye ko ubumwe bw'Abanyarwanda bugeze ku gipimo cya 94,7%, agaragaza ko ijana ku ijana ritaragerwaho, biradusaba kongera imbaraga mu byo dukora, ari naho hakenewe ibitekerezo muri iri huriro. Yagize ati:

*"N'ubwo ibyo bipimo ari byiza cyane, ntibigeze ku ijana nk'uko byifuzwa. Ubushakashatsi bwerekanye ko 5.3% y'abatibona mu rugendo rw'Ubumwe n'Ubudahenwa, bigaragara ko hakiri intambwe*

*yo gutera, kuko turangaye, abo bake bashobora gukomeza kubangamira intego Abanyarwanda bihaye yo kuba umwe".*

Yagarutse ku nzitizi zikigaragara zibangamira urugendo rw'Ubumwe n'Ubudaheranwa, arizo:

- Mu mashuri, imyigishirize y'amateka itanga ubumenyi buke, cyane cyane ku birebana na Jenoside yakorewe Abatutsi, ahanini biterwa n'abarimu badafite imyumvire imwe ku mateka, abadashaka kuyigisha, ndetse n'abayagoreka ku bushake;
- Ababyeyi cyangwa abandi bakuru mu muryango batabwiza abana ukuri, bikagira ingaruka ikomeye kuko usanga hari bamwe mu rubyiruko rwifatanya n'abagoreka amateka bakimakaza urwango, bakoresheje cyane cyane imbuga nkoranyambaga, kubera kutamenya neza ingaruka z'ibyo bagiyemo;
- Ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi: imibare itangwa n'Urukiko rw'Ikirenga, igaragaza ko kuva muri 2015 kugeza 2022 haciwe imanza 5,039. Mu mwaka wa 2021/2022, haciwe imanza 316, muri zo 256 zingana na 81% bari bakurikiranwe bahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Buri mwaka hacibwa imanza nyinshi z'abantu bakurikiranwaho ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha biyishamikiyeho, ndetse n'ibyaha by'ivangura n'amacakubiri.
- Mu rwego rw'Ubutabera, ubushakashatsi bw'Ikigo cy'igihugu cy'Imiyoborere bwo mu mwaka wa 2022, bwagaragaje ko abaturage bishimira serivisi z'ubutabera ku gipimo cya 81.1% (RGS, 2022). Ariko n'ubwo izo serivisi zishimwa cyane n'abaturage, haracyari 18.9% bagararagaza inzitizi zishobora kubangamira Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda zirimo ruswa, akarengane ndetse n'imyanzuro y'imanza itarashyizwe mu bikorwa cyane cyane imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca zikirimo izitararangizwa n'izifite inzitizi zigaragaza ko zidashobora kurangizwa ariko ntizifatweho icyemezo.

- Mu cyiciro cy'amadini n'amatorero, Minisitiri yagaragaje ko hari bamwe mu bayobozi batita ku buryo buhagije ku kwimakaza umuco w'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu bayoboke babo. Muri bene abo bayobozi hakaba hagaragaramo ibimenyetso byo kwironda, amacakuri, kutitabira gahunda za Leta n'ibindi bishobora kubangamira Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda.
- Mu cyiciro cy'abanyamakuru ari naho hagaragara urubyiruko rwinshi, bamwe muri bo usanga badakora ubucukumbuzi buhagije ku nkuru bagiye gutangaza, bikaba binabaviramo kugwa mu byaha. Harimo kandi n'abararurwa n'indonke bikabagusha mu mutego w'abarwanya Igihugu, bakifatanya na bo.
- N'ubwo Leta yaciye amoko yari yaranditswe mu ndangamuntu, hari hamwe na hamwe akigenderwaho, abakiyibonamo, ndetse n'abimakaza amoko gakondo. Ibyo byose bisenya ubumwe bw'Abanyarwanda.

Minisitiri yasoje asaba kongera imbaraga mu biganiro n'urubyiruko, bakarushaho kumenya Ndi Umunyarwanda n'agaciro kayo mu kwimakaza Ubunyarwanda, hagashakwa ibisubizo ku byifuzo bafite ku bakuru no ku buyobozi, bityo bikababafasha guhangana n'inzitizi bahura na zo. Abanyamadini n'amatorero n'ibindi byiciro nabo basabwe gukomeza gufatanya na Leta no kugaragaza imbogamizi bahura na zo zikaganirwaho.

Abanyamakuru bahwituriwe kurushaho gukora ubucukumbuzi n'ubusesenguzi buhagije ku nkuru batangaza n'ingaruka zazo ku muryango mugari w'Abanyarwanda. Abayobozi bibutswa kwirinda icyatuma badashyira mu bikorwa inshingano bahawe, bagahuza imvugo n'ingiro, bakemera kubazwa inshingano no kurangwa n'ubutabera.

### 5.1.3. UMUVUGO: ISANO MUZI IDUHUZA

Nyuma y'kiganiro mbwirwaruhame, hakurikiyeho umuvugo **"Isano muzi iduhuza"**. Ni umuvugo wahimbwe na Marie Liliane MUREKATETE, umunyeshuri wiga muri Kaminuza y'u Rwanda, Koleji y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga, Ishami rya Nyarugenge **(UR-CST)**. Ni umuvugo waje ku mwanya wa mbere mu marushanwa ya Ndi Umunyarwanda ku rwego rw'Igihugu mu mwaka wa 2023, mu cyiciro cy'imivugo.

Ayo mahugurwa yateguwe na Unity Club hamwe n'Abafatanyabikorwa bayo, hagamijwe kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko. Mu rwego rwo gukomeza gushyigikira no gusakaza ibihangano byabo, Liliane yahawe umwanya umwanya wo gusangiza ibikubiye mu muvugo we abakuru n'urubyiruko bitabiriye Ihuriro rya 16 rya Unity Club.




*MUREKATETE ageza ku bitabiriye Ihuriro umuvugo yise: "Ndi Umunyarwanda: Isano muzi iduhuza"*



*Uhereye iburyo: Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club na Hon. Marie Solange KAYISIRE, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere wa Unity Club.*

Umuvugo **"Isano muzi iduhuza"** werekana Ndi Umunyarwanda icyo ari cyo, uburyo yabaye umuti ku bari barashegeshwe n'amateka igihugu cyacu cyanyuzemo, ikaba n'urukingo ku bato bavutse ndetse n'abavuka nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

By'umwihariko, uyu muvugo werekana icyo tugomba gukora nk'Abanyarwanda mu gusigasira iyo ngabo iturinda. Ugaruka kandi ku nkingi eshatu Ndi Umunyarwanda yubakiyeho arizo: Kwiyumvamo Ubunyarwanda, komorana ibikomere bikomoka ku mateka mabi yaranze u Rwanda, kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco zigamije kwimakaza Ubunyarwanda.

## 5.1.4. IKIGANIRO NYUNGURANABITEKEREZO: "NDI UMUNYARWANDA, INGABO N'URUKINGO"

### *A. Ikiganiro nyunguranabitekerezo cyatanzwe n'urubyiruko*

Mu Ihuriro rya 16 rya Unity Club Intwararumuri, urubyiruko rwatanze ikiganiro nyunguranabitekerezo gifite insanganyamatsiko igira iti **"NDI UMUNYARWANDA, INGABO N'URUKINGO".**




*Uhereye ibumoso: Solange TETERO, Fred KAYIGI (Andy BUMUNTU), Sandrine UWIMBABAZI MAZIYATEKE na Audace MUDAHEMUKA.*

***Ingingo zaganiriweho:***

- **Uburyo Ndi Umunyarwanda yayobora amahitamo y'urubyiruko mu kwihesha ishema no kubarinda ibyashaka kubatanya.**

Sandrine UWIMBABAZI MAZIYATEKE yagarutse ku buryo urubyiruko rwumva Ndi Umunyarwanda, umwanya bayiha mu buzima bwabo, mu biganiro byabo n'icyakorwa kugirango indangagaciro *(values)* za Ndi Umunyarwanda zigaragare mu mibereho yabo ya buri munsi.

Yavuze ku rubyiruko rw'ibyiciro bitatu (3):

- Hari urubyiruko rutumvise neza Ndi Umunyarwanda, rwayumvise nka gahunda ije kubabangamira, kubasaba gusaba imbabazi, bitewe n'ibyo babwirwaga;
- Hari urundi rubyiruko rutumva akamaro ka Ndi Umunyarwanda, rushishikajwe no kujya mu mahanga gushaka imibereho no kubona za *"green cards".* Urwo rubyiruko rushobora gushukwa n'abantu batishimira ibyo u Rwanda rwagezeho, bakabashukisha kubaha ibyangombwa, bakarujyana gusinya inyandiko *(petition)* zivuga nabi Igihugu. Urwo ni urubyiruko rwayobye;
- Hari urundi rubyiruko, kandi ari narwo rwinshi rwumva ko Ndi Umunyarwanda yakomora ibikomere byabo, ni urubyiruko rukora *(with an occupation/employed)*, rufite inshingano, rufite amahitamo meza yo gukorera Igihugu. Yitanzeho urugero kuri iki cyiciro cy'urubyiruko avuga ko nawe yamaze igihe kinini yishakisha, ashakisha *"identinty"* ye, kuko yumvaga ari umubiligi kurusha kuba Umunyarwanda, kubera ibyo yagendaga abwirwa.

Sandrine UWIMBABAZI MAZIYATEKE yakomeje ashimira Umuyobozi Mukuru wa Unity Club avuga ko umunsi wa mbere yageze mu Rwanda, ubwo yaje yitabiriye ubutumire bwa Unity Club mu Ihuriro ryayo rya 7 ryabaye kuwa 08/11/2014 muri Kigali Serena Hotel, akirebera aho Igihugu kigeze, uko Abanyarwanda baganira ku byabateza imbere binyuze muri gahunda zinyuranye, byamuteye kugira amahitamo meza yo kuza gukorera Igihugu cye bidasubirwaho.

### Ibibazo bikigaragara mu rubyiruko bibangamiye Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda

Audace MUDAHEMUKA yagarutse ku bibazo bikigaragara mu rubyiruko bibangamiye Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda, birimo :

- Ihungabana mu rubyiruko rikomoka ku mateka mabi yaranze Igihugu;
- Kutamenya ukuri ku mateka y'imiryango yabo;
- Kureberwa mu ndorerwamo y'amateka y'imiryango yabo;
- Uruhererekane rw'ibikomere;
- Kutabasha gushungura ukuri kw'amakuru atandukanye urubyiruko rwumva, rubona ku mateka na politiki y'u Rwanda (itangazamakuru, imbuga nkoranyambaga, ibyo babwirwa n'ababyeyi);
- Kutagira ubumenyi ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

**U Rwanda urubyiruko rwifuza mu gihe kiri imbere n'indangagaciro zarufasha kubigeraho**

Fred KAYIGI (Andy BUMUNTU) we yagarutse kuri bimwe mu biranga u Rwanda urubyiruko rwifuza bikurikira:

- U Rwanda rutagira ivangura n'amacakubiri, Ndi Umunyarwanda ikaba "*Identity* y'Abanyarwanda bose";
- Umutekano ukomeze ndetse urusheho;
- U Rwanda rwaguye amarembo kurushaho;
- Umuryango muzima ufite Indangagaciro z'umuco nyarwanda, hakaba ho gukomeza kuzibutsa no kuzigisha;
- Imikoreshereze inoze ya *"social media"*;
- Kunywa mu rugero, *"Ubukangurambaga kuri Tunywe less"* bugakomeza;
- U Rwanda rufite ababyeyi b'intangarugero;
- Kwanga ikibi bikaranga buri Munyarwanda, ntubone umuntu avuga nabi Igihugu cyawe ngo uceceke;
- Gukomeza kwigisha urubyiruko Ndi Umunyarwanda: Gukomeza Itorero no kureba ubundi buryo bwo kwigisha *(friendly approaches)* ibyiciro byose byibonamo, amahugurwa y'abarimu bazahugura abandi barimu *(TOT: Training of Trainers)*,

- Gutegura no gusakaza amabwiriza ngengamyitwarire ku gukunda Igihugu ku bana bajya kwiga mu mahanga *(patriotism package)*;
- Ababyeyi bagomba gutanga amakuru y'ubudaheranwa ku bana, ntihabe uruhererekane *(transmission)* rw'ibikomere;
- Uburezi butegura umwana wo mu kerekezo 2050.

Yagarutse no ku ndangagaciro zafasha urubyiruko kugera kuri rwa Rwanda rwifuza mu gihe kiri imbere:

- Kugira ubushake n'inyota byo gusobanukirwa bisesuye amateka y'Igihugu, ingamba n'icyerekezo (kumenya aho uva n'aho ugana);
- Gukunda umurimo: urubyiruko rurasabwa gushaka icyo rukora *(occupation)* kuko ijisho ridahuze rireba ibibi;
- Kugira uruhare mu bikorwa bitandukanye byubaka Igihugu (Kwitabira ibikorwa na gahunda byateguwe, gufata inshingano, kwibumbira hamwe mu matsinda agamije komorana ibikomere no kwiteza imbere...);
- Gushakira u Rwanda ubumenyi n'amaboko no kugaragaza ishusho nziza y'u Rwanda mu mahanga;
- Kunyomoza abagoreka amateka, abavuga u Rwanda uko rutari (abasebya ubuyobozi, banenga ibyagezweho....);
- Kuzirikana ubwitange n'ikiguzi byasabye kugira ngo u Rwanda rube rutekanye, ruteye imbere kandi rugana aheza Abanyarwanda barwifuriza.

Urubyiruko rusoza rusaba abakuru kubabera urugero rwiza, gukomeza ibiganiro hagati y'abakuru n'abato, no gukomeza kubaha urubuga rw'ibiganiro byubaka Ubunyarwanda, kugirango rubashe kugera ku nshingano rwihaye.

Urubyiruko kandi rwashimiye Leta uko idahwema kubaha urubuga rw'ibitekerezo kandi ibyo baganiriye bikitabwaho.

Umuhanzi Andy Bumuntu yasoje aririmba indirimbo ye yise **"Ndashaje"**, indirimbo ifite igisobanuro cy'umubyeyi umaze gusaza uha umurage w'ubumuntu abana be.



*Umuhanzi akaba n'umutumirwa, Andy BUMUNTU, asusurutsa abitabiriye Ihuriro rya 16 rya Unity Club.*

### B. Ikiganiro nyunguranabitekerezo cyatanzwe n'abakuru




*Uhereye ibumoso: Bwana Cléophas BARORE, Mme Domitilla MUKANTAGANZWA, Rev. Pastor Isaïe NDAYIZEYE, Irène UWONKUNDA na Gen. (Rtd) James KABAREBE*

Iki kiganiro cyatanzwe n'abakuru cyayobowe na Cléophas BARORE, kigaruka ku ngingo enye zikurikira:

- **Uruhare rwa Ndi Umunyarwanda mu kongera kwiyubaka k'u Rwanda**

Hon. Gen (Rtd.) James KABAREBE yagaragaje uko gushyira imbere Ubunyarwanda n'indangagaciro zo gukunda Igihugu byatumye RPF itsinda urugamba.

Kubera iyo mpamvu yasabye ko ubumwe bw'Abanyarwanda bugomba kurindwa icyabuhungabanya, asaba urubyiruko kwitondera ibishuko byadutse cyane cyane mu rubyiruko rukoresha imbuga nkoranyambaga, aho bashukwa ko kurwanya ibikorwa byiza bya Leta ari uburenganzira bwabo *(rights)*. Yatanze ingero zitandukanye zirimo nk'abarwanya gahunda ya **"Tunywe Less" ngo ni uburenganzira bwabo kandi inzoga zangiza ubuzima;** hari n'abafite imigambi y'ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi, bakabivuga bazi icyo bashaka, urubyiruko rukabumvira batazi ibyo aribyo.

*Yasoje asobanura ko: "Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi ni urugendo ruzagumaho, kubaka ubunyarwanda birakomeza, kuko u Rwanda ruzahoraho ejo n'ejobundi, icyo abakiri bato bagomba kukimenya no kwitonda. Bakwiye kumenya kandi ko Ubuyobozi bwiza aribwo bwacunguye u Rwanda, ni nabwo bwatumye hataba ibindi bibazo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi."*

- **Umuyobozi nk'intangarugero mu gushimangira Ndi Umunyarwanda mu kuzuza inshingano ze za buri munsi.**

Madame Domitilla MUKANTAGANZWA yagarutse kuri zimwe mu ndangagaciro zikwiye kuranga umuyobozi:

- Kwemera ibyo urimo kandi ukabishyiraho umutima wose *(ownership)*;
- Guhuza imvugo n'ingiro *(walking the talk);*

- Kubahiriza no kubazwa inshingano *(accountability);*
- Kunoza ibyo akora *(excellence);*
- Kuba ku murongo ubwawe *(self–discipline);*
- Kwigirira icyizere *(Confidence);*
- Kutiremereza no guca bugufi *(modesty and humility);*
- Kumenya kugenga amarangamutima *(self control);*
- Kwimenya ukagira ibyo wemera kandi bifite ishingiro *(introspection)*
- Kwihangana *(patience)* no kuvugisha ukuri;
- Kutavangura abo uyobora;
- Gushyira imbere Ubunyarwanda…

Madame Domitilla MUKANTAGANZWA yagaragaje ingaruka zibaho iyo umuyobozi adashyize imbere izi ndangagaciro. Muri izo ngaruka harimo amacakubiri ashobora kongera gusenya Igihugu, kutagera ku ntego ubwawe ariko no ku gihugu muri rusange.

**Ibibazo bikigaragara bibangamiye Ubumwe bw'Abanyarwanda mu Matorero:**

Rev. Pastor Isaïe NDAYIZEYE yagaragaje ko mu matorero naho hakiri ibibazo bibangamiye Ubumwe bw'Abanyarwanda, aho ushobora kubaza umuntu inshingano ze ahubwo akumva ko ari uko ari *"iki n'iki"*. Yakomeje avuga n'ibindi bikigaragara muri rusange:

- Kwironda, kurema udutsiko dushingiye ku moko, uturere;
- Kutavugisha ukuri ku mateka y'u Rwanda;
- Guhisha nkana ahari imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi;
- Mu madini Ndi Umunyarwanda iracyafite umwanya muto;
- Ibibazo by'ihungabana n'ibikomere bikomoka ku mateka…

- **Uruhare rwa buri wese mu gukemura ibibazo bibangamiye ubumwe n'ubudaheranwa bikigaragara.**

Mme Irène UWONKUNDA yashimangiye ko ari ngombwa kwimakaza umuco w'ibiganiro bihoraho mu muryango, mu Itorero ry'Umudugudu, mu mashuri n'aho abantu bakorera. Ibi biganiro bigomba kwita ku mwihariko w'ikiciro kiganira (imyaka, inshingano, aho baherereye,...) n'ibibazo bihari; kutibanda ku mateka gusa ahubwo hakanarebwa ibibazo byo mu gihe turimo bibangamiye Ubunyarwanda. Niba habaye ibiganiro hagomba gufatwa imyanzuro igomba gushyirwa mu bikorwa kandi igakurikiranwa.

### *C. Kungurana ibitekerezo*




*Nyiricyubahiro Myr. Servilien NZAKAMWITA, umwe mu Barinzi b'Igihango atanga ibitekerezo mu Ihuriro*

## *Abari mu nama batanze ibitekerezo binyuranye bikurikira:*

- Gushyira imbaraga mu mikino n'imyidagaduro ku rubyiruko;
- Gushyira imbaraga ku kwigisha abana ikinyarwanda ntibacyibagirwe;
- Gushyira imbaraga mu mashuri twigisha Ndi Umunyarwanda, kuko miliyoni enye (4,000,000) z'Abanyarwanda ziri mu mashuri;

- Gushyira imbaraga ku Imfashanyigisho kuri Ndi Umunyarwanda mu mashuri, mu muryango, mu baturage *(appropriate modules);*
- Kurera urubyiruko twita no kuri *"context "*ya Afurika ndetse n'iy'isi;
- Ndi Umunyarwanda tugomba kuyireba mu buryo bwagutse kugirango umugabane wacu waguke, tukarenga Ndi Umunyarwanda, hakabaho na Ndi Umunyafurika.

Ndi Umunyarwanda nikomeze ibe Igitekerezo ngenga cy'Ukubaho kwacu n'urukingo rw'abato, ndetse n'ingabo idukingira, dukomeze duture u Rwanda rutekanye.

Indangagaciro za Ndi Umunyarwanda zigenge imitekerereze, imikorere, imibereho n'imibanire, dushyira imbere isano muzi dusangiye nk'Abanyarwanda n'isano dufitanye n'Igihugu cyacu. Abakuze ni inshingano zabo kubika ayo mateka yaranze igihugu cyacu, no kuzayasobanurira abato, tubigisha akamaro ko kwiyumvamo Ubunyarwanda, duharanira kugarura indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

Bwana Cléophas BARORE wari uyoboye iki kiganiro yanzuye ko Ndi Umunyarwanda yakomeza kutubera Igitekerezo ngenga cy'Ukubaho kwacu n'urukingo rw'abato, ndetse n'ingabo idukingira, bityo tugakomeza gutura mu Rwanda rutekanye. Indangagaciro za Ndi Umunyarwanda zigenge imitekerereze, imikorere, imibereho n'imibanire, dushyira imbere isano muzi dusangiye nk'Abanyarwanda n'isano dufitanye n'Igihugu cyacu.

## 5.2. IKICIRO CYA KABIRI

Ikiciro cya kabiri cyaranzwe no gutanga Ishimwe ry'Ubumwe *"Unity Award"* 2023 ku Barinzi b'Igihango, ubusabane n'Ijambo ry'Umushyitsi Mukuru risoza Ihuriro.

## 5.2.1. GUTANGA ISHIMWE RY'UBUMWE 2023 KU BARINZI B'IGIHANGO.

Gutoranya, gushimira no kumenyekanisha Abarinzi b'Igihango ni igikorwa ngarukamwaka kiri muri gahunda zishimangira Ndi Umunyarwanda. Cyatangiye mu mwaka wa 2015 kigamije kumenya, kumenyekanisha no guha agaciro ibikorwa ntangarugero byimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa byakozwe n'Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga.

Uyu mwaka 2023, Abarinzi b'Igihango bemejwe ni barindwi (7), bagizwe n'Abanyamahanga bane (4) n'Abanyarwanda batatu (3); bane (4) muri bo baratabarutse.

Abo barinzi b' Igihango ni aba bakurikira:

1. Judith MUKAMUNANA NYIRAMBONERA
2. Ally MUTABAZI
3. Thobani MOHAMOOD NOORDIN
4. Azarie MPIRWA (+)
5. Marie Jeanne NOPPEN (+)
6. Padiri Pierre SIMONS (+)
7. Frère Pierre LE FLOC'H (+)

Mbere yo gushyikiriza Ishimwe Abarinzi b'Igihango, abitabiriye Ihuriro bagejejweho ibigwi byaranze buri wese.




*Abarinzi b'Igihango n'abahagarariye Abarinzi b'Igihango bitabye Imana bari kumwe n'Umushyitsi Mukuru, Minisitiri w'Intebe, Dr. Edouard NGIRENTE.*

Nyuma yo kuvuga ibigwi Abarinzi b'Igihango, no kubashyikiriza Ishimwe ry'Ubumwe, hakurikiyeho ijambo ry'ubahagarariye ryatanzwe na Bwana Ally MUTABAZI. Mu ijambo rye yashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wazirikanye ibikorwa by'urukundo bakoze akabibashimira ku mugaragaro kuko ibyo bakoze, babikoze nta shimwe bategereje.

Mu buhamya bwe yagaragaje ko kugiraneza no mu bihe bikomeye bishoboka, utitaye ku ngaruka mbi byakugiraho zirimo n'urupfu. Akomeza asaba bagenzi be gukomeza gukomera ku gihango cy'Ubunyarwanda, bakomeza kurangwa n'ibikorwa byiza, kandi batanga urugero rwiza aho bari hose.

## 5.2.2. UMUGOROBA W'IGITARAMO N'UBUSABANE.

Umugoroba w'igitaramo waranzwe n'imbyino, ibiganiro no gusangira. Itorero INTWARARUMURI rya Unity Club niryo ryasusurukije abari mu gitaramo.



*Itorero ry'Intwararumuri ryasusurukije Umugoroba w'Igitaramo*



*Umurinzi w'Igihango Judith MUKAMUNANA NYIRAMBONERA, yizihiwe mu gitaramo hamwe n'Intwararumuri*

## 5.2.3. GUSOZA IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB

Ihuriro ryasojwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, Dr Edouard Ngirente, mu izina rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.




*Minisitiri w'Intebe, Nyakubahwa Dr. Edouard NGIRENTE asoza Ihuriro rya 16 rya Unity Club.*

Mu ijambo rye yashimiye Unity Club ihora itegura ibiganiro bikomeza kutwibutsa inshingano nk'Abayobozi.

Yibukije ko umwaka utaha tuzaba twibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi, ariko tunibuka imyaka 30 u Rwanda rwongeye kwiyubaka kubera Intwari zarwo, rukaba rugeze aho tubona uyu munsi.

Yakomeje avuga ko nta mpungenge icyerekezo 2050 kizagerwaho neza kubera ko urubyiruko rwagaragaje ko rufite intego, kandi ishingiye ku bumwe bw'Abanyarwanda. Turi hamwe nk'Abanyarwanda, Igihugu cyakomeza gutera imbere kurushaho. *"...Kugira ubumwe, kuzuzanya, nibyo bizatuma Igihugu cyacu gikomeza gutera imbere."*

Ibarura riheruka rusange u Rwanda rwakoze ryerekanye ko Umunyarwanda muri rusange ashobora kubaho imyaka 69 *(esperance de vie)* , mu gihe mu myaka 10 ishize Umunyarwanda icyizere cyo kubaho cyari imyaka itarenze 50. Iyo mibare ifite icyo isobanuye gikomeye ku iterambere ry'Igihugu. Ni icyizere ko Abanyarwanda baba batarwaye, imibereho myiza iba yagiye itera imbere, barya neza, bakiyitaho, indwara zikagabanuka, n'abageze kwa muganga hakaba hari uburyo bwo kwivuza. Ibi byose byagezweho dushyize hamwe.

Yakomeje asaba urubyiruko kugira inshingano, ariko asaba n'abakuru kubafasha kuzigeraho. Yibukije buri wese gukora inshingano ze, duharanira kudasenya ibyagezweho, ahubwo twongeraho ibindi. “Gusigasira ibyagezweho ni kimwe, ariko kongeraho ibindi byinshi tubigire intego”.

Yibukije Abayobozi indahiro barahira bagiye gutangira inshingano, “Ntabwo nzakoresha umwanya mpawe mu nyungu zanjye bwite”, abasaba guhora bayizirikana. “Imyanya dufite tuyikoreshe mu nyungu z'Igihugu, tureke gukoresha imyanya dufite mu nyungu zacu bwite cyangwa iz'imiryango yacu”. By'umwihariko yasabye Abayobozi kwirinda gutatira indahiro n'igihango bafitanye n'u Rwanda n'Abanyarwanda.

Asoza yashimiye Abarinzi b'Igihango bakoze ibikorwa by'índashyikirwa, ibikorwa ntangarugero, agira ati: “Ndabashimira ubutwari no kwitanga mwagiye mugaragaza mu gihe cyari kibi cyane, kurinda igihango no gukomeza kwitwara neza ni ingenzi kugirango mukomeze kuba urumuri aho mutuye”.

Yashimiye na none urubyiruko rwerekanye ko icyerecyezo cy'Igihugu rucyumva, abasaba guhora bazirikana ko ubumwe bw'Abanyarwanda aribwo buzatuma Igihugu cyacu gitera imbere. Yasabye Abanyarwanda gukomera ku bumwe bwabo, bakirinda icyabuhungabanya.

## 5.2.4. IBYEMEZO NGIRO BY'IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB

Nyuma yo kwegeranya ibitekerezo byavuye mu biganiro byatanzwe mu ihuriro, kubyunguranaho ibitekerezo no kubikorera ubugororangingo, hemejwe ibyemezo ngiro bizashyirwa mu bikorwa mu bufatanye bwa Unity Club Intwararumuri n'abafatanyabikorwa.

Kugira ngo "Ndi Umunyarwanda" ikomeze kuba igitekerezo ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda, urukingo rw'abato n'ingabo irinda u Rwanda,
Twebwe, Abayobozi, Ababyeyi, Abakuru n'Urubyiruko duteraniye mu Ihuriro rya 16 rya Unity Club Intwararumuri dufashe ibyemezo ngiro bikurikira:

**ICYEMEZO NGIRO 1:** Kwimakaza indangagaciro za Ndi Umunyarwanda mu mitekerereze, imikorere, imibereho n'imibanire, dushyira imbere isano muzi dusangiye nk'Abanyarwanda n'isano dufitanye n'Igihugu cyacu.

**ICYEMEZO NGIRO 2:** Kongera imbaraga mu gusobanurira ababyiruka amateka nyayo y'Igihugu cyacu no guhererekanya umurage w'Ubumwe n'Ubudaheranwa hagati y'abakuru n'abato.

**ICYEMEZO NGIRO 3:** Gukomeza umuco wo kuzuza no kubazwa inshingano ku bayobozi, kuba intangarugero mu mahitamo Igihugu cyakoze, no gusangiza inararibonye abayobozi bakiri bato.

**ICYEMEZO NGIRO 4:** Gukomeza gushyira imbaraga mu gutoza urubyiruko umuco wo gusesengura ibyo babwirwa, ibyo basoma, ibyo bareba no guhitamo igikwiye.

**ICYEMEZO NGIRO 5:** Guha agaciro gakwiye ururimi rw'Ikinyarwanda, kongera imbaraga mu kurwiga, kurukoresha

neza mu muryango, mu mashuri ya Leta n'ay'igenga, mu nzego zose z'imirimo no mu mahuriro yose.

**ICYEMEZO NGIRO 6:** Kongerera imbaraga no kunoza imikorere y'Itorero, rikaba urubuga rw'ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu buryo bwagutse.

## VI. UMUGEREKA

6.1. Umugereka 1: Ijambo ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club HE Jeannette KAGAME
6.2. Umugereka 2: Ikiganiro mbwirwaruhame ku Ishusho y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda mu gihe tugezemo.
6.3. Umugereka 3: Umuvugo: Isano muzi iduhuza
6.4. Umugereka 4: Ibigwi by'Abarinzi b'Igihango
6.5. Umugereka 5: Isobanurampamvu na gahunda
6.6. Umugereka 6: Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo ngiro

# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME

## IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

**KU WA 29 UKWAKIRA 2023**

**INTARE CONFERENCE ARENA**

**Batumirwa bacu bahire,**

**Ntwararumuri, Bavandimwe duteraniye aha,**

**Nshuti za Unity Club,**

**Abarinzi b'Igihango,**

**Rubyiruko Bana bacu,**

Muraho neza!

- Mbanje kubashimira kuba mwongeye kwitabira ubutumire bwacu.

- Mbahaye ikaze muri iri huriro rya 16 rya Unity Club, rigaruka ku nsanganyamatsiko, tumaze iminsi dukoresha mu biganiro byacu, igira iti: "**Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho Kwacu**".

- Kumva agaciro k'iyi nteruro, bisaba gusubiza amaso inyuma gato, no kureba ibyubatswe muri iyi myaka hafi 30 u Rwanda rumaze rwibohoye, bikadutera kunezezwa n'ibimaze kugerwaho, mu rugendo rw'ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda.

- Twahisemo kuba umwe, icyo twiyemeje ni u Rwanda rudaheza, u Rwanda rw'abunze ubumwe, barukunda, barukorera, kandi bakarurinda.

- Mu mwiherero wabanje ku munsi w'ejo, twaganiriye birambuye, ku ndangagaciro, ndetse n'imyitwarire ikwiye kuturanga nk'Intwararumuri.

- N'ubwo kuba Intwararumuri ari umuhamagaro twihitiyemo nk'Abanyamuryango, turifuza ko namwe mwese mwadushyigikira muri uwo muhamagaro uru rumuri tugakomeza kurugeza kuri bose.

**Banyamuryango, Batumirwa bahire,**

- Kuba Abanyarwanda bataraheze mu icuraburindi ni uko byaharaniwe bigatwara n'ikiguzi tutabonera agaciro. Bikwiye rero kuba isomo ry'ubuzima kandi bikaba umusingi uhoraho w'ubumwe bw'Abanyarwanda.

- ***"Ndi Umunyarwanda"*** ni inshingano n'uburenganzira, niyo mpamvu ikwiriye kuba intero n'inyikirizo mu byo dukora byose.

- Aho niho Ndi Umunyarwanda izava mu mvugo gusa ahubwo iturange mu byo dukora byose, kugeza no muri '**DNA'** yacu, bityo n'abadukomokaho bazakure bafite za ndangagaciro na kirazira bikwiriye kuturanga.

- Unity Club yiyemeje gukomeza gutanga umusanzu wo kurebera hamwe n'izindi nzego, uko gahunda ya Ndi Umunyarwanda yagezwa ku Banyarwanda bose, aho bari hose.

- Turazirikana kandi turishimira amahirwe yo kuba mu bihe byose bikomeye, u Rwanda rwarabonye abarubera mu njishi ya Ndi Umunyarwanda, bakarurinda kuzima kandi rwarabyaye intwari.

- Kuva 2015, twatangije gahunda yo kwizihiza Abarinzi b'Igihango, bagashimirwa ibikorwa by'indashyikirwa byabaranze cyangwa bibaranga mu buzima bwabo, mu kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda.

- Nagira ngo dufate umwanya wo gushimira Abarinzi b'Igihango ducyeza muri iri huriro, abariho n'abatakiriho. Mumfashe tubashimire!

**Bavandimwe - Ntwararumuri, Bayobozi mu nzego zitandukanye**, **Babyeyi**,

- Dufite umukoro ukomeye ariko ushoboka wo kuraga abana bacu ibyiza bibumbatiye ubumwe.

- Ntidukwiye gutsindwa n'ingeso mbi nk'ikimenyane, gushaka indonke, munyangire, gutonesha n'ibindi; byatuma duteshuka ku gitekerezo-ngenga cyacu - Ndi Umunyarwanda. Tutabaye maso bishobora kudusubiza mu icuraburindi u Rwanda rwigeze kubamo.

**Rubyiruko bana bacu,**

- Nimwe Igihugu gitezeho imbaraga n'ubushobozi buzasigasira uwo musingi twubatse. Mwiteguye mute kwakira iyo nkoni y'abarinzi ba Ndi Umunyarwanda?

- Turabasaba gukunda igihugu, mukarangwa n'ikinyabupfura, mukaba intangarugero ndetse mukagira imyitwarire ikwiye, ari byo bizatuma mugira icyerekezo gihamye, kandi gifite intego iganisha ku iterambere rirambye ry'Igihugu.

- Tubivuga kenshi ariko ntacyo bitwaye kubisubiramo: Ntimuri bato bo kutumva umurongo Igihugu cyihaye.

- Ku bakuru natwe duharanire iteka kumenya gushishoza, tumenye icyashaka guhungabanya ubumwe bwacu tugikumire hakiri kare. Ubunyarwanda n'u Rwanda ni bikuru kuri twe twese.

- Mu gutangiza iri huriro ryacu rya 16, twese intero ibe imwe: **Kureba Kure**!

***Twiyubakire ubumwe bwacu,***

***Si ubwa none bwahozeho kuva kera,***

***Dusenyere umugozi umwe,***

***Abato n'abakuru twifurizanye ibyiza,***

***Tubumbatire isano-muzi yacu ituranga,***

***Twirinde uwatuyobya,***

***Twegere abatabyumva,***

***Turindane muri urwo rugendo,***

***Twimakaze ibyiza bitubereye,***

***Ngiryo ibanga rya "Ndi Umunyarwanda".***

- Mbifurije ibiganiro byiza, biza kuduha ingamba nshya mu nshingano zacu nk' abayobozi n'ababyeyi barerera u Rwanda!

**Murakoze!**

Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu

**Ijambo rya Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascène mu Ihuriro rya 16**

Nyakubahwa First Lady,
Ba Nyakubahwa bayobozi mu nzego nkuru z'Igihugu;
Ba Nyakubahwa banyamurwango ba Unity Club Intwararumuri
Batumirwa mu Ihuriro rya 16 rya Unity Club Intwararumuri
Mbanje kubaramutsa mbifuriza gusoza neza Ukwezi k'Ubumwe n'Ubudaheranwa!

Icya mbere nababwira ni uko Ubumwe bw'Abanyarwanda bwifashe neza cyane, ariko hari ijanisha tutarageraho, ari na ho hakenewe ibitekerezo muri iri huriro.

Nyuma y'urugamba rwo kubohora Igihugu, Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ikijyaho yari ifite inshingano ikomeye yo gusana Igihugu cyari cyarangiritse mu buryo bwose. Yagombaga gushyiraho gahunda zongera kubanisha Abanyarwanda no kubarinda guheranwa n'amateka ashariRiye banyuzemo;

Amahitamo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ni yo yabaye ihame-shingiro Abanyarwanda biyemeje kugenderaho mu kongera kubaka Igihugu nk'uko tubisanga mu Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda mu ngingo yaryo ya 9, umurongo wa 2 uvuga ko: "Leta y'u Rwanda yiyemeje *kurandurana n'imizi amacakubiri ashingiye ku bwoko, akarere n'ibindi no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda";*

Kugira ngo twimakaze iryo hame ryo "Kuba Umwe" Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho gahunda ya "Ndi Umunyarwanda"; igamije gutoza Abanyarwanda kwiyumvamo Ubunyarwanda mbere y'ibindi, kubana nta rwikekwe no gushyira inyungu rusange n'iz'Igihugu imbere y'inyungu bwite, binyuze mu rubuga rw'ibiganiro bagirana mu bwisanzure.

Kugira ngo gahunda ya Ndi Umunyarwanda igerweho, ingeri zose z'Abanyarwanda babigiramo uruhare. Hategurwa inama n'urubyiruko binyuze muri gahunda z'Itorero n'andi makoraniro, inzego za Leta, abikorera n'abagize sosiyete sivile na bo bagira ibiganiro byimakaza Ndi Umunyarwanda.

Ibyavuye mu bushakashatsi (Rwanda Reconciliation Barometer) bwakozwe mu mwaka wa 2020 na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, byerekanye ko 98.5% by'ababajijwe bemeje ko Ndi Umunyarwanda igira uruhare mu kubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda, 88% bo bemeza ko bagira uruhare mu biganiro bya Ndi Umunyarwanda. Ubwo bushakashatsi na none bwemeje ko igipimo mpuzandengo cy'ubwiyunge kigenda kizamuka kuko mu mwaka wa 2015 cyari kuri 92.5%, naho muri 2020 kigera kuri 94.7%. Bivuze ko muri iyo myaka itanu igipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge cyazamutseho 2,2%. Ni byiza ariko ntibihagije.

Ibyo bipimo bigaragaza kandi umusaruro wa Ndi Umunyarwanda, binashima uruhare rw'izindi politiki Guverinoma yashyizeho mu kubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda idasumbanya abenegihugu. Mu ziza imbere y'izindi harimo politiki y'uburezi n'iy'ubuzima.

Mu burezi hashimwa ko Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yahaye abana bose amahirwe angana yo kwiga ibyiciro byose by'amashuri ashoboka, igatanga inguzanyo yo kwiga mu Rwanda no mu mahanga, hitawe gusa ku bushobozi bwabo. Bitandukanye n'ibyakorwaga muri Repubulika ya Mbere n'iya Kabiri, aho benshi mu bana b'u Rwanda bavukijwe amahirwe yo kwiga bitewe n'ubwoko babarizwagamo n'akarere baturukagamo.

Mu rwego rw'ubuzima hashimwa ko gahunda y'ubwisungane mu kwivuza igera kuri buri wese igaha amahirwe angana no ku batishoboye ubundi bakabaye babura ubushobozi bwo kwivuza, kuko ikiguzi cya serivisi z'ubuvuzi kiri hejuru muri rusange. Leta ishyiramo amafaranga menshi kugira ngo Abanyarwanda bose bashobore kwivuza, nta kuvangura.

Nubwo ibyo bipimo ari byiza cyane bwose, ntibigeze ku ijana ku ijana nk'uko byifuzwa. Ubushakashatsi bwerekanye ko 5.3% y'abatibona mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge, bigaraga ko hakiri intambwe yo gutera, kuko turangaye, abo bake bashobora gukomeza kubangamira intego Abanyarwanda bihaye yo kuba umwe.

Dufashe nk'urugero rw'amashuri, inzitizi z'ingenzi zibangamira urugendo rw'ubumwe n'ubudaheranwa mu mashuri zishamikiye ku myigishirize y'amateka itanga ubumenyi buke ugereranije n'uburemere bw'ibyigwa cyane cyane ku birebana na Jenoside yakorewe Abatutsi, bigatuma urubyiruko rutamenya uko bikwiye amateka y'u Rwanda kandi abenshi bagaragaza inyota yo kuyamenya.

Kutamenya amateka nyakuri y'Igihugu cyacu ku bakiri bato usanga ahanini biterwa n'abarimu badafite imyumvire imwe ku mateka, abadashaka kuyigisha, ndetse n'abayagoreka ku bushake. Biterwa na none n'ababyeyi cyangwa abandi bakuru mu muryango batababwiza ukuri abana kubera impamvu zitandunye zirimo ipfunwe baterwa n'uruhare bo cyangwa imiryango yabo yayagizemo. Ibyo bikagira ingaruka ikomeye kuko usanga hari bamwe mu rubyiruko rwifatanya n'abagoreka amateka bakimakaza urwango, bakoresheje cyane cyane imbuga nkoranyambaga, kubera kutamenya neza ingaruka z'ibyo bagiyemo.

Ahandi tugifite ikibazo ni ku miterere y'ingengabitekerezo ya Jenoside. Dukurikije imibare itangwa n'Urukiko rw'Ikirenga, buri mwaka hacibwa imanza nyinshi z'abantu bakurikiranwaho ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byaha biyishamikiyeho, ndetse n'ibyaha by'ivangura n'amacakubiri. Kuva muri 2015 kugeza 2022, haciwe imanza 5,039. Dufashe gusa umwaka wa 2021/2022, haciwe imanza 316, muri zo 256 zingana na 81%, abari bakurikiranwe bahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside, ivangura n'amacakubiri. Murumva ko iyi mibare atari mike, bikaba bishimangira ko hari ibikibangamiye ubumwe n'ubudaherwanwa kandi ugasangamo umubare munini w'urubyiruko. Dukeneye rero kwisuzuma no kubwizanya ukuri muri iri huriro.

Mu rwego rw'Ubutabera, Ubushakahstsi bw'Ikigo cy'igihugu cy'Imiyoborere bwo mu mwaka wa 2022, bwagaragaje ko abaturage bishimira serivisi z'ubutabera ku gipimo cya 81.1% (RGS, 2022). Ariko nubwo izo serivisi zishimwa cyane n'abaturage, haracyari 18.9% bagararagaza inzitizi zishobora kubangamira ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda zirimo ruswa, akarengane ndetse n'imyanzuro y'imanza itarashyizwe mu bikorwa cyane cyane imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca zikirimo izitararangizwa n'izifite inzitizi zigaragaza ko zidashobora kurangizwa ariko ntizifatweho icyemezo.

Mu cyiciro cy'amadini n'amatorero, bamwe mu bayobozi ntibita ku buryo buhagije ku kwimakaza umuco w'ubumwe n'ubudaheranwa mu bayoboke babo, hari n'abibwira ko baba bari gukora ibitabareba (babyita kwivanga muri politike). Mu madini afite bene abo

bayobozi, haboneka ibimenyetso byo kwironda, amacakuri, kutitabira gahunda za Leta n'ibindi bishobora kubangamira ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda. Abo na bo bakwiye kwisubiraho kuko gahunda z'Igihugu zitureba twese.

Mu cyiciro cy'abanyamakuru tunasangamo urubyiruko rwinshi, bamwe muri bo usanga badakora ubucukumbuzi buhagije ku nkuru bagiye gutangaza, bikaba binabaviramo kugwa mu byaha. Harimo kandi bamwe bararurwa n'indonke bakaba bagwa mu mutego w'abarwanya Igihugu, bakifatanya na bo. Bakwiye na bo kwitonda no gutekereza icyo bakwiye gutangaza kuko itangazamakuru ni umuyoboro ukomeye ushobora kunyuzwamo ibyubaka cyangwa ibisenya ubumwe bw'Abanyarwanda.

Ikindi kibazo tugomba gukomeza kuganiraho, ni uko Leta yaciye amoko yari yaranditse mu ndangamuntu, ayo moko nta na hamwe akinderwaho, ariko hari abakiyibonamo. Ndetse hari n'abimakaza amoko gakondo. Ubwoko gakondo bwahozeho mu muryango nyarwanda, ntaho bwagiye, ariko tugomba kuzirikana ko kuba umwe bidusaba gushyira Ubunyarwanda hejuru y'ibindi byose. Ntawe ukwiriye rero kujya mu itsinda iryo ari ryo ryose rikumira mugenzi we kubera ubwoko cyangwa umuryango aturukamo. Tugomba kumva ko twese dusenyera umugozi umwe, ko intego yacu ari ukubaka u Rwanda dushyize hamwe kandi tudaheranwa n'amateka mabi twanyuzemo.

Nanzura, navuga ko dukwiye kongera imbaraga mu biganiro n'urubyiruko, tukamenya uko bibona muri Ndi Umunyarwanda, tukabafasha guhangana n'inzitizi bahura na zo muri iyo gahunda ndetse n'icyo bifuza ku bakuru no ku buyobozi. Abanyamadini n'amatorero, abanyamakuru n'ibindi byiciro, bakwiye gukomeza gufatanya na Leta no kugaragaza imbogamizi bahura na zo zikaganirwaho. Abayobozi na bo bakwiye kwirinda icyatuma badashyira mu bikorwa inshingano bahawe, bagahuza imvugo n'ingiro, bakemera kubazwa inshingano no kurangwa n'ubutabera. Ibyo byose bidakozwe, bizakomeza kuba inzitizi kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda kandi ari yo gitekerezo-ngenga cy'ukubaho kwacu.

Murakoze, mugire amahoro n'ibiganiro byiza muri iri huriro.

**UMUVUGO: ISANO MUZI IDUHUZA**

Soko itembana umutuzo
Muryango mugari umpa ubuturo
Mutako unteye kugana inganzo
Ndi Umunyarwanda wampaye ijambo.
Mpano yavutse ijabiro

Juru rito dutuyemo
Mubyeyi waturinze umuruho
Ndi Umunyarwanda uri Ingabo.
Ndi Umunyarwanda ikirezi kera twambitswe
Bidatinze tubona twereranye

Utubera imvano y'iterambere
Ubumwe buturangaje imbere,
Mbese nk'uko wahoze
Kuva kera na kare
Rwanda yacu irabagirana

Abayigize bagabirana
Nibyo bike babisangira
Ubunyarwanda bugasagamba
Nabo batatu babana
Imana yabo ikabasanga.

Ndi Umunyarwanda wahoze uri ikitegererezo
Umurage ari umuranga w'umubano
Igihango kigatanga umurongo
Rwanda ukabategera umugongo
Gihanga agashima iyo gakondo

Umwaku akawuteza ibyago,
Intero ikaba Ubunyarwanda
Ikikirizwa nta gihunga.
Ntibahuze nta no guhumbya
Uwo ishyanga aza aje kutumunga

Imbuga yahuzaga imbaga
Yitwa ubutunzi mbarusha,
Ubunyarwanda abucamo ibice
Arabacaranga baracanganyikirwa
Abacengezamo ubucakura

Bisanga basesa rya sano.
Ndi Umunyarwanda ingabo yabakingiraga barajugunya
Abasaga basangira bigizana nkana
Inkuru kugasozi bati "uyu si dusa,"
Abagatangiriye batanga amashyi batoza guta ubupfura

Ubunyarwanda busamba burenga

Imvano itunganya imva,
Umunyarwanda ahigwa bunyamaswa
Bwa bumwe bw'Abanyarwanda buhinduka uburimiro,
Uwabatoje abata mu isayo yambuka rugikubita.

Ndi Umunyarwanda yarasambye benshi bariheba
Ariko uwabyaye ingabo ntiyazima gutyo,
Abahejejwe ishyanga n'ayo mateka
Imfura z'u Rwanda Inkotanyi zirakotana,
Bati "ntitwaturiza mu icumbi abo duhuje umubyeyi barembera tureba"

Intore zitiganda ziritanga
Ziratugoboka dukurwa mukaga,
Ndi Umunyarwanda yongera kuririmbwa.
Intore ibarusha Imana iyobora izo ntambwe
Iti "nimuze dusubire dusangire twomore uwo duhuje umubyeyi

Dore iyo gitera iteye indunduro
Yadusanze turi umwe
Umunyarwanda ariryo zina duhuza,
Cyo nimuze dusubire uko twahoze
Ndi Umunyarwanda itubere urukingo."

Ndi Umunyarwanda yongera kubicaza
Gacaca ibacisha mukuri imbabazi zirasabwa
Gake gake babigira inzira,

Ndi Umunyarwanda irashisha ishibura imbuto mu Banyarwanda
Ubumwe bwongera gusagamba

Ya ngabo ibarinda bongera kuyitora.
Maze Ndi Umunyarwanda iba urukingo
Yomora inguma yugurura n'amaso y'Abanyarwanda
Bongera babona isano isumba iyo amaraso ibahuza,
Bongera gusangira nk'abahuje umubyeyi.

Ndi Umunyarwanda iba urukingo
Ijegeza abinangiye bahoze mu gicucu k'ingengabitekerezo ya Jenoside,
Bagarura umutima ibuntu
Bagana intebe ya penetesiya
Bongera kubaho nkabariho shenge.

Ndi Umunyarwanda iba urukingo
Ruca inyama y'ivangura mu Banyarwanda
Rwimika isano muzi ibahuza,
Abanyarwanda bongera guhuza umutima
Batera ikirenge mu cy'abakurambere nk'umurage twarazwe.

Ndi Umunyarwanda iba ingabo n'urukingo
Isano isumba iyo amaraso i Rwanda
Kuri buri mu Nyarwanda wese utewe ishema no kwitwa Umunyarwanda
Ukunda u Rwanda ukotanira u Rwanda aho yaba ari hose,
Mukururinda no kuruteza imbere.

Cyo nimuze dusigasire iyo ngabo iturinda
Tuyirwanyishe Jenoside n'icyayihembera,
Ndi Umunyarwanda ibe ubutunzi mbarusha
Tuyibemo itubemo tuyibere intwari turinde iyo ntambwe,
Twiyumvemo iyo sano ntizatege amaboko idufite nk'ishusho.

Niyo i mahanga tuvuge Ndi Umunyarwanda
Nibaza tubatuze tubatere n'urwo rukingo,
Umuco wacu tuwurinde gucuya
Za ndangagaciro na kirazira tubihe umwanya
Nibyo musingi inkingi Ubunyarwanda bwegamaho bukema.

Cyo nimuze dufatane urunana twikoze aho mu Mpinganzima
Tuzibanganye irungu ry'izo ntwaza
Abo Jenoside yaciye umugongo tubasindagize bongere basusuruke,
Bahamye Ndi Umunyarwanda nk'urukingo rwabasubije ibuntu.
Babyeyi b'u Rwanda Ndi Umunyarwanda ni basabe isakare mu maraso,

Nimwe basare musame mwonse iyo ntero
Ibyo bibondo bisome ku rukingo
Bikurane ubuhanganjye n'ubwema ku rwababyaye.
Ndi Umunyarwanda niyo sano shingiro,
Uyitoye azira ubugwari akazira umunabi

Agwira icyamuzamura kidasize n'abandi
Atura atekanye aho ivangura n'ihezwa bihezwa
Ruswa n'akarengane bigahabwa akato
Abato n'abakuru bagaturana mu mutuzo.
Rubyiruko rumuri n'agakiza by'u Rwanda,

Iyo mu itorero dutozwa ko izo mbuga atari izambara uko twiyumva
Si iziharabika uwo dusa
Ni izamamaza ubwo budasa
N'abatabizi bakabimenya,
Nitwe jwi rya Ndi Umunyarwanda.

Dore Ndi Umunyarwanda niyo ngabo iturinda
Twayitera niko guca iteka ku kubaho kwacu,
Menya nkumenye ungire nkugire
Tube umwe tuzire umwiryane dutahirize umugozi umwe
Duhangane nabagambiriye kuducamo ngo dusubire mu gicuku,

Twezwe twere imitima
Rwanda yacu tuyiture mwuka
Dore icyo dupfana nicyo rukingo rurinda gutana,
Ndi Umunyarwanda nibe ingabo iturinda.
Reka nshutse ntacitse inganzo

Ndi Umunyarwanda mvuga ntiyagezwa imuzingo
Gusa ikiza mbana mbona duhuza,
Tube ingabo ku rugamba yo kurinda ubwo Bunyarwanda

Mwe twataramanye ni musagambe musige iyo ntero,
Nimumpunde ayo urwunge mporane inganzo.

Uyu muvugo ISANO MUZI IDUHUZA wanditswe na MUREKATETE MARIE LILIANE,ubarizwa muri Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Nyarugenge. Ukaba werekana Ndi Umunyarwanda icyo ari cyo, uburyo yabaye umuti kubari barashegeshwe n'amateka igihugu cyacu cyanyuzemo,ikaba n'urukingo ku bato bavutse ndetse n'abavuka nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda muri Mata 1994. Byumwihariho ukatwereka icyo tugomba gukora nk'Abanyarwanda mu gusigasira iyo ngabo iturinda ikindi kandi unagaruka ku nkingi eshatu Ndi Umunyarwanda ishingiyeho arizo:

Kwiyumvamo Ubunyarwanda,komora ibikomere by'Abanyarwanda bagize nyuma y'amateka mabi yaranze u Rwanda(igihugu cyacu) ,kwimakaza indangagaciro na kirazira z'umuco Nyarwanda zigamije kwimakaza Ubunyarwanda.

**IBITABO BYAKORESHEJWE**

Ubumwe bw'abanyarwanda 2529(1).pdf KIGALI,KANAMA 1999

Intwaza mu Mpinganzima yanditwe na DR. JEANNE D'ARC MUJAWAMARIYA ,15 UKWAKIRA 2021 13:10

Isobanura Mpamvu ya Gahunda ya Ndi Umunyarwanda ,11 GASHYANTARE 2014

Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ni umuti ku Banyarwanda bakuze n'urukingo ku bakiri bato ,8 UGUSHYINGO 2013, 2:11am

**Murekatete Marie Liliane**

**School of Engineering**

**Department of Civil Environmental and Geomatics Engineering**

**0780851059**

**lilianemurekatete025@gmail.com**

**UMUVUGO: ISANO MUZI IDUHUZA**

**NDI UMUNYARWANDA INGABO N'URUKINGO.**

## 1. MUKAMUNANA NYIRAMBONERA Judith



Mukamunana Nyirambonera Judith yavutse mu 1953, mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Nyaruguru. Mu buto bwe yifuzaga kuzaba uwihayimana ariko ntibyamukundira. Ubu atuye mu Mudugudu wa Mukoto, Akagari ka Mukoto, Umurenge wa Bushoki, Akarere ka Rulindo.

**Ibikorwa byamuranze mbere ya Jenoside:**

Kuva mu 1983, yahawe akazi ko kurera abana b'imfubyi mu kigo cy'imfubyi cya Rulindo (Orphelinat Saint Elizabeth de Hongrie).

**Ibikorwa byamuranze mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi :**

- Nk'umukozi usanzwe, yakiriye abana bari bamaze kwicirwa ababyeyi, abashyira mu bandi, abarera atavanguye.
- Mu rugendo rwo kubahungisha bava i Rulindo bajya i Janja, nubwo interahamwe zageragezaga kubica, yakomeje kubitaho agenda inzira yose abavugira kugeza bageze i Janja.
- Bageze i Janja naho nta mutekano bahasanze, bituma akomeza kubahungisha kugeza abagejeje mu nkambi muri Kongo.
- Mu nkambi ntiyemereraga abana gusohoka kugira ngo batabica.
- Ari mu nkambi, yamenye ko Interahamwe zateguye umugambi wo kubica, ahita yiyemeza kubagarura mu Rwanda. Afashijwe na HCR yagaruye abana 13/14 abageza i Rulindo ku itariki ya 1 Ugushyingo 1996. Umwana 1 (Nicole) niwe waguye mu buhungiro azize uburwayi.

**Ibikorwa byamuranze nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi :**

- Yakomeje kurera abana yahungukanye n'abandi bana b'imfubyi bakiriwe mu kigo.
- Mu gihe cy'Inkiko Gacaca yatanze amakuru kuri Jenoside yakorewe Abatutsi kuri Paruwasi ya Rulindo kuko ibyahabereye byose yarabirebaga.
- Mu gihe abana basubizwaga mu miryango, yiyemeje kurerera iwe abana 7 batari babonye imiryango ibakira. 6 barakuze, ubu asigaranye umwe witwa NIZEYIMANA Jean Yves yavutse muri 2000, yiga muri University of Technology and Arts of Byumba (UTAB).

Muri rusange, abana yareze bose barakuze, bmwe bashinze ingo kandi bakomeza kumufata nk'umubyeyi wabo. Bamushimira umutima w'impuhwe n'urukundo yabagaragarije.

Uyu mubyeyi Nyirambonera aho atuye afatwa nk'umuntu wakoze kandi ugikora ibikorwa by'indashyikirwa byo gufasha abandi.

## 2. MPIRWA AZARIE (+)



Mpirwa Azarie yavukiye mu yahoze ari Komini Nyabisindu mu 1952, ubu ni mu Karere ka Nyanza. Mu 1989, MPIRWA Azarie yabaye Konseye wa Segiteri Gahondo.

**Ibikorwa byamuranze mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi:**

- Mu 1989, MPIRWA Azarie yabaye Konseye wa Segiteri Gahondo. Mu gihe yari umuyobozi, yanze politiki yariho yo kwimika amacakubiri n'ivangura ry'amoko, arwanya akarengane n'urwango byakorerwaga Abatutsi.
- Ubwo amashyaka menshi yatangiye mu Rwanda, yafashe umwanzuro wo kuva mu ishyaka rya MRND ajya muri MDR. Icyo gihe MDR yari itaracikamo ibice; n'aho icikiyemo ibice we yagiye mu gice cyarwanyaga ikibi. Yaranzwe n'ubutwari bwo kugaragariza ubutegetsi bwa MRND ko atemeranya nabwo kuko we n'abandi ba Konseye bari baritandukanije na MRND bakoze inyandiko igaragaza akarengane bakorewe ndetse n'ibikorwa by'interahamwe zababuzaga kwakira abaturage no gucyemura ibibazo byabo.

**Ibikorwa byamuranze mu gihe cya Jenoside:**

- MPIRWA Azarie yaranzwe no gushishikariza abaturage kutijandika mu bwicanyi, abasaba kwishyira hamwe no kurwanya abicanyi, byatumye ku mugoroba wo ku itariki ya 20 Mata 1994 bajya gutabara uwitwa Kazashoboka, barwana n'igitero barakinesha.
- Nyuma yo kumutwikira no kumwicira umugore, ubwo yageragezaga guhunga agana I Butare ku mucuruzi witwa RUGAYINTENGA Ezechiel, Mpirwa yafatiwe ku muhanda hafi yo ku Karubanda, bamutwara bamuhambiriye, bamujyana ku Gikongoro ahari impunzi z'interahamwe zavuye i Nyabisindu zari zimuzi, zihita zimwica.

MPIRWA Azarie yasize abana babiri (Nshimyukiza Mpirwa Egide na Habaguhirwa Eddy Emille), ubu barakuze, barangije Kaminuza, bakora imirimo itandukanye ibafasha kwiyubaka no kubaka Igihugu.

### 3. MARIE JEANNE NOPPEN (+)




Marie Jeanne Noppen ni Umubiligikazi wavutse mu 1921. Yari « *une laïque engagée* » wabarizwaga mu bo bita abafasha b'Ubutumwa (*Auxiliaire de l'Apostolat*). Yageze mu Rwanda mu 1952 azanywe na Musenyeri Bigirumwami Aloys. Akigera mu Rwanda yayoboye ishuri nderabarezi ry'abakobwa i Muramba muri Diyosezi ya Nyundo kuva 1952 kugeza 1967. Muri 1967, yavuye i Muramba ajya ku Nyundo gutangiza Ishuri rya mbere mu Rwanda ryigisha abana b'abakobwa ibya siyansi: *Lycée Notre Dame d'Afrique de Nyundo* yayoboye kugeza agiye mu kiruhuko cy'izabukuru mu 1987.


**Ibikorwa by'indashyikirwa byamuranze:**

- Hagati y'Ugushyingo n'Ukuboza 1959, Marie Jeanne Noppen yarwanye ku banyeshuri b'Abatutsi bigaga i Muramba ubwo Abaparmehutu bazaga kubica. Nyuma yo kubakiza yafashije abo banyeshuri gusanga imiryango yabo aho yari yarahungiye.
- Muri 1973, ubwo Abatutsi birukanwaga mu mashuri no mu kazi, yarwanyije ko Abatutsi bigaga muri Lycée *Notre Dame d'Afrique* de Nyundo birukanwa kandi ariyo yari gahunda ya Leta, abatotezwaga bikomeye arabahungisha, bamwe bajya i Goma abandi bajya i Burundi.
- Hagati ya 1990-1994, Marie Jeanne Noppen yarwanye ku Batutsi bafunzwe babita ibyitso by'Inkotanyi barimo Nyakwigendera Padiri Ntagara (yishwe muri jenoside yakorewe Abatutsi) n'abandi.

Kubera itotezwa yakorewe, ku itariki 9 Mata 1994, Marie-Jeanne Noppen yasubiye iwabo mu Bubiligi anyuze i Goma. Mu 1995 yagarutse mu Rwanda, ariko ntiyahatinze kubera uburwayi. Yitabye Imana Ku itariki ya 8 Nyakanga 2007 ashyingurwa iwabo mu Bubirigi.

Abo Marie Jeanne Noppen yafashije bamushimira ubutwari n'ubumuntu yabagaragarije ndetse n'intambwe yabagejejeho.

## 4. PADIRI PIERRE SIMONS (+)



Padiri Pierre Simons ni Umubiligi wavukiye i Liège mu 1941. Ku itariki ya 15 Kanama 1969 nyuma y'amezi abiri ahawe isakaramentu ry'Ubusaseridoti yoherejwe mu butumwa mu Rwanda nk'umupadiri w'impano Diocese ya Liege ihaye Diyoseze ya Butare.

**Ibikorwa byamuranze mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi:**

- Kuva mu 1971, Padiri Pierre Simons yitaye ku mibereho y'imfubyi zitagira kivurira zari mu gace ka Nyanza ashinga Ikigo cy'Imfubyi yise *Home Don Bosco* mu Gatsinsino nyuma ashinga ikindi i Cyotamakara mu Murenge wa Ntyazo, Akarere ka Nyanza.

**Ibikorwa byamuranze mu gihe cya Jenoside:**

- Padiri Pierre Simons yanze gusiga abana yareraga ngo ahungishwe na Ambasade y'Ububiligi ubwo Abasirikare b'Ababiligi bicwaga.
- Yakomeje kubana n'abana yareraga, yakira n'abandi bahigwaga bamuhungiyeho, bose abana nabo kandi arabarinda. Padiri Pierre Simons yaratotejwe, arasakwa, yamburwa ibikoresho yari atunze n'amafaranga, ariko ntibyamuciye intege ngo asige Abatutsi yari afite.
- Muri Kamena 1994 Padiri Pierre Simons n'abana yareraga Inkotanyi zabahungishirije mu Bugesera, aho babaye kugeza Jenoside ihagaritswe, basubira i Nyanza.

**Ibikorwa byamuranze nyuma ya Jenoside:**

- Padiri Pierre Simons ntiyigeze ava mu Rwanda, yakomeje kwita kubana b'imfubyi i Nyanza. Yitabye Imana azize uburwayi ku itariki 24 Kanama 2020 ashyingurwa mu Kigo cy'Imfubyi i Cyotamakara ku wa 31 Kanama 2020.

Benshi mubo yareze barakuze, bazirikana ubumuntu yabagaragarije.

## 5. FRÈRE PIERRE LE FLOC'H (+)



Frère Pierre LE FLOC'H ni Umufaransa wavutse mu 1938.

Ku itariki ya 21 Kamena 1990 nibwo Frère Pierre LE FLOC'H yageze mu Rwanda. Yaje mu Rwanda aje gufasha mu kigo cyigisha abana bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga kibarizwa mu Murenge wa Ngoma, Akarere ka Huye.

**Ibikorwa byamuranze mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi:**

- Yigishije abarimu kwigisha ururimi rw'amarenga abifatanya no kwigisha abana ubwabo.

**Ibikorwa byamuranze muri Jenoside yakorewe Abatutsi :**

- Nk'umunyamabahanga washoboraga guhungishwa, Frère Pierre LE FLOC'H yanze gusiga Abatutsi bahigwaga yari kumwe nabo bagera kuri 32.
- Yahungishirije i Burundi Abatutsi bose yari kumwe nabo;

Bageze i Burundi, yabashakiye ibyangombwa n'ubushobozi bajya i Bangui muri Repubulika ya Centre Afrika abandi bajya i Brazzaville muri Congo kubera ko nta muryango w'aba Frères ba « Communauté de Saint Gabriel » yabarizwagamo wabaga i Burundi.

**Ibikorwa byamuranze nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi :**

- Mu 1995, abo yahungishije bose yabagaruye mu Rwanda, bageze i Ngoma/ Huye batangiza imirimo yo kongera kwigisha abana bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga.
- Muri 2001 yagiye mu kiruhuko cy'izabukuru mu Bufaransa, ariko akomeza kujya aza mu Rwanda gukurikirana no guhugura abarimu.
- Frère Pierre LE FLOC'H yitabye Imana tariki ya 10 Werurwe 2019 mu Bufaransa.

Abo yigishije kwigisha amarenga bakomeje uwo mwuga wo kurera abana bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga. Aba Frères n'abandi yarokoye bavuga ko yababereye urugero rwiza, bakamushimira ubwitange yabagaragarije.

## 6. MOHAMOOD NOORDIN THOBANI



Mohamood Noordin Thobani yavukiye i Bugande mu 1945. Mohamood Noordin Thobani.

**Ibikorwa by'indashyikirwa yakoze:**

- Yahaye agaciro ikiremwamuntu, by'umwihariko Abatutsi bishwe muri Jenoside muri 1994, ubwo yashyinguraga mu cyubahiro imibiri igera ku 10,000 yaroshywe mu migezi itandukanye imena mu Akagera, kisuka mu Kiyaga cya Victoria muri Uganda.
- Yubatse inzibutso eshatu zirimo: urwa Kasensero ruri mu ntara ya Rakai rushyinguwemo imibiri 2,827, urwa Ggolo ruri mu ntara ya Mpigi rurimo imibiri 4,773, urwa Lambo ruri mu ntara ya Masaka rufite imibiri 3,336; yose hamwe ikaba imibiri y'Abatutsi bazize Jenoside isaga 10,000.
- Mohamood Noordin Thobani yashyizeho abita kuri izo nzibutso, atanga amafaranga yo guhemba abahabungabunga n'abahakora isuku. Aakomeza kugira uruhare mu bikorwa byo gutegura kwibuka Abatutsi bazize Jenoside bari mu nzibutso zo muri Uganda.
- Noordin Thobani yagize kandi uruhare mu bikorwa byo gufasha abatishoboye barokotse Jenoside. Mu mwaka 2018, ubwo u Rwanda rwibukaga ku nshuro ya 24 Jenoside yakorewe Abatutsi, Noordin yatanze inkunga y'amagare 50 yahawe abacitse ku icumu rya Jenoside batuye i Rukumberi mu Karere ka Ngoma.

## 7. **MUTABAZI** Ally



**MUTABAZI Ally** yavutse mu 1960 mu yahoze ari Komini Kigarama ubu ni mu Karere ka Ngoma, Umurenge wa Remera.

**Ibikorwa byamuranze mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi:**

- Kuva mu 1990-1994, yafashije Abatutsi bahigwaga mu byitso bagera ku 100 guhungira muri Tanzaniya. Abatangabuhamya bemeza ko abo yahungishije bose nta kiguzi yabasabye.
- Yashishikarizaga abaturanyi kutitandukanya kubera amashyaka, akabasaba gukomeza kunga ubumwe no gufatanya mu bikorwa bibateza imbere n'ubwo baba bari mu mashyaka atandukanye.
- Abato mu bo yahungishije afatanyije n'uwitwa Azariya wabakiriraga ku ruzi rw'Akagera, baje gusanga urundi rubyiruko ku rugamba rwo kubohora Igihugu maze na bo bagira abo barokora.
- Ubuyobozi bw'iyari Komini Kigarama bwaje kumenya ibyo yakoraga butanga amabwiriza yo kumwica, nawe ahita ahungira muri Tanzaniya.

**Ibikorwa byamuranze mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi:**

- Jenoside itangiye yagarutse mu gihugu akajya yirirwa yihishe kimwe n'abahigwaga ari nako yita ku babaga bacitse abicanyi ari na ko abafasha kwihisha. Mu bo yafashije harimo URAYENEZA n'umwuzukuru we NTIRENGANYA Patrick n'abandi.

**Ibikorwa byamuranze nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi:**

- Mu gihe cy'Inkiko Gacaca, yatanze ubuhamya bw'abagize uruhare muri Jenoside mu gace yari atuyemo bimuviramo guhigwa ngo yicwe, ahungishirizwa mu kigo cya gisirikare aho yamaze amezi atatu (3).

Uyu munsi Mutabazi Ally afatwa nk'umuturage w'Intangarugero. Mu rwego rwo kumushimira, muri 2017 abaturage n'abo yarokoye bateranyirije amafaranga yishyurirwa ibisabwa byose ajya i Maka mu rugendo rutagatifu rw'Abayisiramu.

Repubulika y'u Rwanda
**Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu**

Unity Club
*"Towards a common goal"*

# ISOBANURAMPAMVU Y'IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

**INSANGANYAMATSIKO:**

**"Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho Kwacu"**

**Itariki: 29/10/2023**

## I. IRIBURIRO

Umuryango Unity Club Intwararumuri mu bufatanye na Ministeri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) uyu mwaka irategura ihuriro rya 16 ryagarutse ku nsanganyamatsiko igira iti: "***Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo ngenga cy'Ukubaho Kwacu***''.

## II. IMPAMVU Y'INSANGANYAMATSIKO Y'IHURIRO RYA 16

***Twahisemo kuba Umwe***: Ayo mahitamo niyo yatumye u Rwanda rugera aho rugeze uyu munsi. N'ubwo hakozwe byinshi, haracyagaragara ibikibangamiye ubumwe bw'abanyarwanda birimo kwironda, kurema udutsiko bishobora kongera kutugarura ku macakubiri ashingiye ku moko n'uturere kandi tuzi neza aho byatugejeje n'ikiguzi byasabye kugirango tubisohokemo, twongere kwiyubaka nk'Abanyarwanda, nk'Igihugu. Niyo mpamvu ari ngombwa gukomeza gushimangira Ndi Umunyarwanda nk'isano-muzi isobetse ubumwe bw'Abanyarwanda, ikatubera ingabo idukingira ibishaka gutanya Abanyarwanda.

## III. INTEGO Z'IHURIRO RYA 16

- Gukomeza kubaka Ndi Umunyarwanda, ikaba ubuzima bwa buri munsi bw'Umunyarwanda aho ari hose, ikaba umurage ku babyiruka ;
- Kumenya no gusuzuma ibikibangamiye Ubumwe bw'Abanyarwanda muri iki gihe no gufata ingamba zo kubikemura ;
- Kugena uburyo bunoze bwo kumvikanisha Ndi Umunyarwanda mu nzego zose no mu byiciro byose by'Abanyarwanda mu Rwanda no muri Diaspora no gufata ingamba ziboneye mu guhererekanya umurage w'Ubumwe n'Ubudaheranwa hagati y'abakuru n'abato.

## IV. UMUSARURO UTEGEREJWE MURI IRI HURIRO RYA 16

Iri huriro rizasoza imirimo yaryo,

- Hafashwe ingamba ziboneye zo gukemura ibikibangamiye Ubumwe bw'Abanyarwanda muri iki gihe turimo;
- Hemejwe uburyo buvuguruye bwo gukomeza ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu nzego zose no mu byiciro byose by'Abanyarwanda mu Rwanda no muri Diaspora;
- Hafashwe ingamba ziboneye mu guhererekanya umurage w'Ubumwe n'ubudaheranwa hagati y'abakuru n'abato.

## V. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB

### 5.1. Ikiganiro mbwirwaruhame:

- Ishusho y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda mu gihe tugezemo; ibikibangamiye Ubumwe bw'Abanyarwanda n'ingamba zo kubikemura hagamijwe gushimangira ubumwe n'ubudaheranwa.

### 5.2. Ikiganiro nyunguranabitekerezo (Pannel):

Interuro y'ikiganiro: ***NDI UMUNYARWANDA, INGABO N'URUKINGO***

**Ingingo zizaganirwaho:**

**i) <u>Urubyiruko</u>**

- Uburyo Ndi Umunyarwanda yayobora amahitamo y'urubyiruko mu kwihesha ishema no kubarinda ibyashaka kubatanya;
- Ibibazo bikigaragara mu rubyiruko bibangamiye Ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda;
- Uruhare rw'urubyiruko mu gusigasira ibyagezweho, nokubyubakiraho u Rwanda twifuza.

**ii) Abakuru**

- Uruhare rwa Ndi Umunyarwanda mu, kongera kwiyubaka k'u Rwanda;
- Umuyobozi nk'intangarugero mu gushimangira Ndi Umunyarwanda mu kuzuza inshingano ze za buri munsi;
- Ibibazo bikigaragara bibangamiye Ubumwe bw'Abanyarwanda;
- Uruhare rwacu mu gukemura ibibazo bibangamiye ubumwe n'ubudaheranwa bikigaragara.

**5.3. Kungurana ibitekerezo**

**5.4. Kumurika no gushimira Abarinzi b'Igihango b'umwaka wa 2023**

**5.5. Kumurika ibyemezo-ngiro**

## VI. ABATUMIRWA

- Abayobozi b'Inzego Nkuru mu Gihugu;
- Abanyamuryango ba Unity Club (bose);
- Abayobozi ba za Komisiyo mu Inteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi;
- Bamwe mu bayobozi b'inzego n'ibigo bya Leta;
- Abayobozi b'Intara n'Umujyi wa Kigali;
- Abayobozi b'Inzego z'umutekano ku rwego rw'Igihugu;
- Abanyamabanga bahoraho muri Minisiteri zose;
- Abayobozi muri MINUBUMWE;
- Abayobozi b'Uturere;
- Abayobozi b'Amadini;
- Abayobozi ba *Civil society;*
- Abayobozi ba *Private sector;*
- Abarinzi b'Igihango bo ku rwego rw'Igihugu;
- Abahagarariye Urubyiruko;
- Abanyamakuru...

# GAHUNDA Y'IHURIRO RYA 16

## NDI UMUNYARWANDA: IGITEKEREZO NGENGA CYUKUBAHO KWACU

**Venue: INTARE CONFERENCE ARENA**

**Date: 29/10/2023**

**MCs : Hon. J. Chrysostome NGABITSINZE & Anita KAYIRANGWA**

| | |
|---|---|
| 9:00 | Kuhagera kw'Abatumirwa n'Abanyamuryango ba Unity Club + Breakfast |
| 11:00 | Kuhagera k'Umusangwa Mukuru |
| 11:05 | Ijambo ry'Ikaze / MC |
| 11:10 | Ijambo ritangiza Ihuriro/ Chairperson wa Unity Club,<br>H.E Jeannette KAGAME |
| 11:25 | Ikiganiro mbwirwaruhame: Ishusho y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda mu gihe tugezemo; ibikibangamiye Ubumwe bw'Abanyarwanda n'ingamba zo kubikemura hagamijwe gushimangira ubumwe n'ubudaheranwa/ Hon. Dr. Jean Damascène BIZIMANA. |
| 11:40 | Umuvugo/MUREKATETE M. Liliane (UR-CST) |
| 11:45 | Ikiganiro Nyungurana-bitekerezo (Panel discussion):<br>*NDI UMUNYARWANDA, INGABO N'URUKINGO*<br>Panel 1<br>▪ Uburyo Ndi Umunyarwanda yayobora amahitamo y'urubyiruko mu kwihesha ishema no kubarinda ibyashaka kubatanya;<br>▪ Ibibazo bikigaragara mu rubyiruko bibangamiye Ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda;<br>▪ Uruhare rw'urubyiruko mu gusigasira ibyagezweho, nokubyubakiraho u Rwanda twifuza.<br>Panelists:<br>▪ Sandrine MAZIYATEKE<br>▪ Audace MUDAHEMUKA |

| | |
|---|---|
| | ▪ KAYIGI Fred (Andy BUMUNTU)<br>Moderator: Solange TETERO |
| 12:45 | Kungurana ibitekerezo |
| 13:30 | Lunch |
| 14:30 | Panel 2<br>▪ Uruhare rwa Ndi Umunyarwanda mu, kongera kwiyubaka k'u Rwanda;<br>▪ Umuyobozi nk'intangarugero mu gushimangira Ndi Umunyarwanda mu kuzuza inshingano ze za buri munsi;<br>▪ Ibibazo bikigaragara bibangamiye Ubumwe bw'Abanyarwanda;<br>▪ Uruhare rwacu mu gukemura ibibazo bibangamiye ubumwe n'ubudaheranwa bikigaragara.<br>Panelists:<br>• Gen. (Rtd.) James KABAREBE<br>• Domitille MUKANTAGANZWA<br>• Rev. Pastor Isaïe NDAYIZEYE<br>• Irène UWONKUNDA<br><br>Moderator: Cléophas BARORE |
| 15:30 | Kungurana ibitekerezo |
| 16:00 | Ibigwi by'Abarinzi b'Igihango & Ishimwe ry'Ubumwe 2023 |
| 16:30 | Ijambo ry'uhagarariye Abarinzi b'Igihango |
| 16:35 | Kugaragaza imirongo migari y'Ibyemezo-ngiro / MC |
| 16:45 | Gusoza igice cya mbere /MC |

## GAHUNDA Y'IHURIRO

## UMUGOROBA W'IGITARAMO

**Venue : INTARE CONFERENCE ARENA**

**Date : 29/10/2023**

**MCs: Hon. Mimosa MUNYANGAJU & Hon. Dr. Ildephonse MUSAFIRI**

| | |
|---|---|
| 17:00 | Kuhagera kw'Abatumirwa n'Abanyamuryango ba Unity Club + dinner |
| 18:00 | Kuhagera kw'Umushyitsi Mukuru |
| 18:05 | Kumurika Ibyemezo-ngiro by'Ihuriro / MC |
| 18:15 | Itorero rya Unity Club |
| 18:20 | Ibigwi by'Abarinzi b'Igihango/MC |
| 18:30 | Ifoto (Umushyitsi Mukuru & Abarinzi b'Igihango) |
| 18:35 | IJAMBO RY'UMUSHYITSI MUKURU |
| | Gusoza ihuriro rya 16 rya Unity Club. |

Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu

## GAHUNDA Y'ISHYIRWAMUBIKORWA RY'IBYEMEZO NGIRO BY'IHURIRO RYA 16 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

**ICYEMEZO NGIRO 1: Kwimakaza indangagaciro za Ndi Umunyarwanda mu mitekerereze, imikorere, imibereho n'imibanire dushyira imbere isano muzi dusangiye nk' Abanyarwanda n'isano dufitanye n'Igihugu cyacu.**

**Ikigamijwe***:* Ndi Umunyarwanda ibe imvugo n'ingiro, iturange mu byo dukora byose, twiyemeza kurwanya icyakwanduza isura y'Igihugu cyacu n' icyagisenya.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYABIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 1. Kugira umuhigo w'igikorwa cyihariye cyakorwa muri gahunda yo gukunda Igihugu no kwimakaza Ubunyarwanda (community service initiatives) | MINUBUMWE | Za Minisiteri<br>Ibigo bya Leta<br>Unity Club<br>Ibigo by'amashuri<br>CSOs<br>FBOs<br>PSF | Guhera Nyakanga 2024 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 2. Gukomeza urubuga rw'Ibiganiro hagati y'abakuru n'abato, (urubyiruko ruri mu mashuri n'urubyiruko rutari mu mashuri) | MINUBUMWE | Unity Club<br>MINIYOUTH<br>MINEDUC<br>MINALOC<br>CSOs<br>FBOs<br>PSF<br>RCA | Igikorwa gihoraho (Inshuro imwe mu gihembwe kuri buri cyiciro). |
| 3. Gukomeza kumenyekanisha no guha ishimwe abantu bakoze / bakora ibikorwa by'Indashyikirwa bishimangira Ndi Umunyarwanda, dushishikariza by'umwihariko urubyiruko kubiharanira. | MINUBUMWE | Unity Club<br>MINIYOUTH<br>MINEDUC<br>MINALOC<br>CHENO<br>CSOs<br>FBOs<br>PSF | Igikorwa gihoraho. |
| 4. Gukurikirana no gusuzuma ibyavuye mu ishyirwamubikorwa ry'ibyemezo ngiro ku nsanganyamatsiko" Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo ngenga cy'Ukubaho kwacu" Ihuriro rya 12,13,14,15,16. | MINUBUMWE | Unity Club | Mata - Nzeri 2024 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 5. Gushyiraho uburyo buhoraho bwo gukurikirana no gusuzuma (M&E) ishyirwamubikorwa ry'ibyemezo ngiro by'Amahuriro. Raporo y'ishyirwa mu bikorwa by'ibyemezo-ngiro igatangwa buri myaka ibiri. | MINUBUMWE | PRIMATURE<br>Unity Club | Nyakanga- Nzeri 2024 |

**ICYEMEZO NGIRO 2: Kongera imbaraga mu gusobanurira ababyiruka amateka nyayo y'Igihugu cyacu no guhererekanya umurage w'Ubumwe n'Ubudaheranwa hagati y'abakuru n'abato.**

**Ikigamijwe:** Abakuru muri rusange n'umuryango (ababyeyi) by'umwihariko basobanurire urubyiruko amateka y'igihugu batababeshya cyangwa ngo babakomeretse; bakabasobanurira ikiguzi ntagereranywa cyatanzwe ngo u Rwanda rusohoke mu icuraburindi, bakabatoza kandi bakababera urugero rwiza.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYABIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 6. Gutegura Inyoborabiganiro yafasha ababyeyi n'abarezi gusobanurira abana amateka aremereye ya Jenoside yakorewe Abatutsi n'ingaruka zayo ku muryamgo nyarwanda | MINUBUMWE | MINALOC<br>MINEDUC<br>MINIYOUTH<br>MIGEPROF<br>Unity Club | Nyakanga-Ukuboza 2024 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 7. Gukomeza ibiganiro bihuza urubyiruko n'abakuru ku mateka y'Igihugu. | MINUBUMWE | MINALOC<br>MINEDUC<br>MINIYOUTH<br>MIGEPROF<br>Unity Club<br>Inteko Nshingamategeko, Imitwe yombi | Igikorwa ngaruka mwaka/ Guhera muri Mata 2024/Incuri imwe mu gihembwe. |
| 8. Gukomeza ibikorwa ku rubyiruko byo gusura Inzibutso n'Ingoro ndangamurage na Ndangamateka by'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside. | MINIYOUTH | MINEDUC<br>MINUBUMWE<br>MINALOC | Igikorwa gihoraho |
| 9. Kubaka ubushobozi bw'Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu mashuri makuru na za kaminuza 33, binyuze mu mushinga wo kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko, bigamije kubafasha gusakaza no gukora ubukangurambaga bwa Ndi Umunyarwanda no kubusangiza bagenzi babo n'Abanyarwanda muri rusange | Unity Club | MINUBUMWE<br>MINEDUC<br>MINIYOUTH<br>MINALOC<br>CSOs | Igikorwa ngarukamwaka |

| | | | |
|---|---|---|---|
| (Amahugurwa no gutera inkunga imishinga yabo) | | | |
| 10. Gusakaza kuri TV, Radio n'ahandi, ibihangano byatsinze mu marushanwa ya Ndi Umunyarwanda yahuje Urubyiruko rwiga mu mashuri Makuru na za Kaminuza 33, | Unity Club | MINUBUMWE<br>MINEDUC<br>MINIYOUTH<br>Itangazamakuru, RBA | Igikorwa gihoraho |

**ICYEMEZO NGIRO CYA 3: Gukomeza umuco wo kuzuza no kubazwa inshingano ku bayobozi, kuba intangarugero mu mahitamo Igihugu cyakoze no gusangiza inararibonye abayobozi bakiri bato.**

**Ikigamijwe**: Gushyira imbere ubunyarwanda n'inyungu rusange z'Abanyarwanda tugamije kubaka u Rwanda rudaheza, u Rwanda rw'abunze ubumwe, barukunda, barukorera, kandi bakarurinda.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYABIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 11. Gushyiraho ibiganiro bihoraho bihugura, byibutsa inshingano n'indangagaciro z'abayobozi mu nzego zitandukanye | RGB | MINUBUMWE<br>MINALOC<br>MIFOTRA<br>Unity Club<br>CSOs<br>FBOs<br>PSF | Guhera muri Nyakanga 2024 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 12. Kongera imbaraga mu mikorere y'Ihuriro ry'Ubumwe mu Turere, nk'urubuga nyunguranabitekerezo ruhuza Abayobozi n'Abahoze mu buyobozi | MINALOC | MINUBUMWE<br>Unity Club | Igikorwa gihoraho |

**ICYEMEZO NGIRO 4*:* Gukomeza gushyira imbaraga mu gutoza urubyiruko umuco wo gusesengura ibyo babwirwa, ibyo basoma, ibyo bareba no guhitamo igikwiye.**

Ikigamijwe: Guha urubyiruko ubumenyi ku makuru nyayo kuri gahunda z'Igihugu, ku mahirwe bafite, kuyabyaza umusaruro mu kwiteza imbere aho gukururwa n'ibibayobya.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYABIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 13. Kongera ibigo by'urubyiruko n'ibikorwaremezo by'imikino n'imyidagaduro (ibibuga by'umupira, inzu z'imyidagaduro) ku rubyiruko, kugirango bahure bisanzure basabane n'abandi, kandi bibe umwanya (plate form) wo guhura n'urubyiruko rugahabwa ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda (Ndi Umunyarwanda Campaign) | MINIYOUTH | MINEDUC<br>MINISPORT<br>MINALOC<br>Unity Club<br>CSOs<br>FBOs<br>PSF | Igikorwa gikomeza |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 14.Gukomeza Ubukangurambaga bugamije gukangurira urubyiruko kwirinda ibisindisha n'ibiyobyabwenge | MINISANTE | Itangazamakuru<br>MINIYOUTH<br>MIGEPROF<br>RNP | Igikorwa gikomeza |
| 15. Gushyira ku mbuga nkoranyambaga amakuru afasha urubyiruko gusobanukirwa amateka nyakuri y'u Rwanda, kurushishikariza kuyasoma no kuyamenyekanisha. | MINUBUMWE | MINIYOUTH<br>MINICT<br>MINEDUC<br>MINAFET<br>Itangazamakuru | Guhera muri Mata 2024 |
| 16. Gukomeza gutoza no gusakaza indangagaciro nyarwanda mu rubyiruko haba mu Rwanda no mu mahanga hakoreshejwe uburyo butandukanye kugirango bakomeze kwihesha agaciro no kugahesha Igihugu cyabo | MINUBUMWE | MINIYOUTH<br>MINAFET<br>Itangazamakuru<br>MINEDUC | Igikorwa gikomeza |

**ICYEMEZO NGIRO 5: Gukoresha ururimi rwacu rw'ikinyarwanda no kongera imbaraga mu kurwiga mu muryango, mu mashuri ya Leta n'ayigenga, mu nzego zose z'imirimo no mu mahuriro yose.**

**Ikigamijwe**: Guha agaciro gakwiye ururimi rw'ikinyarwanda by'umwihariko kurutoza urubyiruko.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYABIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 17. Gushyira imbaraga mu kwandika no gusakaza inkuru ngufi, imigani, ibitekerezo mu Kinyarwanda, bifasha umwana gusoma no kumurinda kuba igikoresho cy'ikoranabuhanga | MINEDUC | MINUBUMWE<br>RCHA<br>MIGEPROF<br>Unity Club<br>CSOs<br>FBOs<br>Abanditsi | Guhera Nyakanga 2024 |
| 18. Gukomeza ubukangurambaga bwo kumenya no gukoresha neza ururimi rw'ikinyarwanda, binyuze mu bugeni n'ubuhanzi mu biganiro kuri radio na Television n'ibindi bitangazamakuru. | MINUBUMWE | MINEDUC<br>MINIYOUTH<br>RCHA<br>MIGEPROF<br>Unity Club<br>Itangazamakuru, RBA<br>FBOs<br>CSOs | Igikorwa gikomeza |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 19. Gutegura amarushanwa mu mashuri mato n'ayisumbuye yo kwandika inkuru ngufi, imivugo, indirimbo, ikinamico, mu Kinyarwanda. | MINEDUC | MINUBUMWE<br>Unity Club<br>FBOs<br>CSOs | Guhera Ukwakira 2024 |
| 20. Gushyira imbaraga mu kwigisha abana ururimi rw'Ikinyarwanda bakiri bato binyuze muri gahunda z'ibiganiro mpaka, ibisakuzo, inkuru zishushanyije, imigani,… | MINEDUC | MINEDUC<br>MIGEPROF<br>NCDA (National Child Development Agency)<br>Itangazamakuru<br>FBOs<br>SCOs<br>FBOs | Guhera Ukwakira 2024 |
| 21. Gukora ubukangurambaga bugamije gushishikariza Inzego kutibagirwa ururimi rw'ikinyarwanda mu nyandiko n'irindi hererekanyamakuru rigenewe abanyarwanda | MINUBUMWE | PRIMATURE<br>Unity Club<br>PSF<br>CSOs | Guhera Nyakanga 2024 |

**ICYEMEZO NGIRO 6 : Kongerera imbaraga no kunoza imikorere y'Itorero, rikaba urubuga rw'ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu buryo bwagutse.**

**Ikigamijwe**: Kumenya amateka y'Igihugu, indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda no komora ibikomere by'amateka, kugirango umuco w'ubutore utozwe Abanyarwanda bose, aho batuye, aho bakorera, bityo byunganire ingamba z'iterambere no guhamya intego mu cyerekezo cy'Igihugu.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYABIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 22. Gusakaza no gusobanura Inyandiko ngenderwaho y'imitoreze mu gutoza ibyiciro binyuranye by'Itorero. | MINUBUMWE | MINALOC<br>MINIYOUTH<br>MINEDUC<br>Unity Club<br>PSF<br>CSOs<br>FBOs<br>RBA | 2024/ 2025 |
| 23. Gushyiraho no gutoza itsinda ry'abatoza mu midugudu, mu mashuri mu nzego z'imirimo, no muri Diaspora | MINUBUMWE | MINALOC<br>MINIYOUTH<br>MINEDUC<br>MIGEPROF<br>MINAFET<br>Unity Club | 2024/2025 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | PSF<br>CSOs<br>FBOs | |
| 24. Gutegura no gutanga inyoborakiganiro kuri buri cyiciro cy'Itorero. | MINUBUMWE | MINALOC<br>MINIYOUTH<br>MINEDUC<br>MINAFET<br>Unity Club<br>PSF<br>CSOs<br>FBOs | Igikorwa gikomeza |
| 25. Gukomeza umuco w'ibiganiro bihoraho bya Ndi Umunyarwanda mu nzego z'imirimo, mu nzego z'imiyoborere zegereye abaturage mu midugudu, mu madini, abikorera, mu mashuri no mu Banyarwanda baba mu Mahanga, binyuze mu Itorero, bikaba nibura ngaruka-kwezi kandi bigatangirwa raporo | MINUBUMWE | MINALOC<br>MINAFET<br>MINEDUC<br>Unity Club<br>CSOs<br>FBOs<br>PSF | Igikorwa gikomeza/<br>Incuro imwe buri gihembwe, muri buri rwego. |

## Contact us

@UnityClubRw  Unity Club Intwararumuri  Unity Club Intwararumuri

www.unity-club.rw  Unity Club Intwararumuri

P.O. Box: 5300 Kigali